Icyitso ntigihanwa kimwe n'uwakoze icyaha keretse igihe:

1 º itegeko ribiteganya ukundi;

2 º umucamanza abona ko uruhare rw'icyitso mu gukora icyaha rungana cyangwa ruruta urw'uwakoze icyaha.

Icyitso gishobora gukurikiranwa n'ubwo icyaha kitashoboye gukurikiranwa ku wagikoze kubera impamvu zimureba ku giti cye nk'urupfu, uburwayi bwo mu mutwe cyangwa kutamenyekana.

Icyakora, iyo abantu bavugwa mu gace ka 5 d), aka 5 e) n'aka 5 f) tw'ingingo ya 2 y'iri tegeko ari uwashyingiranywe n'uwakoze icyaha cyangwa uwo bafitanye isano kugera ku rwego rwa kane (4) bashobora gusonerwa n'urukiko ibihano bigenewe icyitso.

law so provides, a person commits an offence as a result of his/her recklessness, clumsiness, negligence or any other form of carelessness.

**<u>Article 84</u>: Punishment of a co-offender and an accomplice**

The co-offender incurs the same penalties as the offender.

The accomplice does not incur the same penalties as the offender except where:

1º the law provides otherwise;

2º the judge, in his/her discretion, finds that the accomplice's responsibility in the commission of the offence is the same as or greater than that of the principal offender.

The accomplice may be prosecuted even if the criminal action cannot be instituted against the offender due to reasons particularly specific to the offender such as death, insanity or his/her being unidentified.

However, when a person referred to in items 5 d), 5 e) and 5 f) of Article 2 of this Law is the offender's spouse or relative up to the fourth ($4^{th}$) degree, the court may exempt him/her from the penalties prescribed for the accomplice.

Toutefois, lorsque la loi le prévoit, une personne commet une infraction par imprudence, maladresse, négligence ou toute autre forme d'inattention.

**<u>Article 84</u>: Répression d'un coauteur et d'un complice**

Un coauteur est passible des mêmes peines que l'auteur.

Un complice n'est pas passible des mêmes peines que l'auteur sauf :

1º dans le cas où la loi en dispose autrement;

2º lorsque, d'après l'appréciation du juge, la responsabilité du complice dans la commission de l'infraction est la même ou dépasse celle de l'auteur principal.

Le complice peut être poursuivi même si l'action publique ne peut pas être exercée contre l'auteur pour des causes qui sont personnelles à celui-ci, telles que la mort, la démence ou la non- identification.

Toutefois, lorsque une personne visée aux points 5 d), 5 e) et 5 f) de l'article 2 de la présente loi est l'épouse de l'auteur de l'infraction ou a un lien de parenté avec ce dernier jusqu'au quatrième ($4^{ème}$) degré, la juridiction peut décider de ne pas la punir comme complice.

**Ingingo ya 85: Impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha**

Nta buryozwacyaha bubaho iyo:

1º ushinjwa ari umwana utarageza ku myaka cumi n'ine (14) y'amavuko;

2º ushinjwa yari afite uburwayi bwo mu mutwe mu gihe yakoraga icyaha;

Uwitesheje ubwenge yabishatse mu gihe cyo gukora icyaha aryozwa icyaha yakoze n'ubwo yaba yaritesheje ubwenge atagambiriye gukora icyaha.

**Ingingo ya 86: Impamvu zikuraho uburyozwacyaha**

Impamvu zikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku wakoze icyaha zibaho iyo:

1º umuntu yakoreshejwe icyaha ku ngufu cyangwa ku gahato atashoboraga kwigobotora;

2º umuntu akoze igikorwa ategetswe n'umuyobozi wemewe n'amategeko, uretse igihe icyo gikorwa bigaragara ko kinyuranye n'amategeko;

**Article 85: Grounds for non-criminal liability**

There is no criminal liability if:

1º the accused is a child under the age of fourteen (14) years;

2º the accused was insane during the commission of the offence;

A person who deliberately deprives himself/herself of mental faculties during the commission of an offence is criminally liable, even if such deprivation was not intended to commit an offence.

**Article 86: Grounds for exemption from criminal liability**

Grounds for exemption from criminal liability that are inherent to the offender are admitted if :

1º a person commits an offence under the effect of a force or under duress to such an extent that he/she cannot resist;

2º a person commits an act under orders of a legitimate authority, unless such an act is evidently unlawful;

**Article 85: Causes de non-responsabilité pénale**

Il n'y a pas de responsabilité pénale si:

1º le prévenu est un enfant âgé de moins de quatorze (14) ans;

2º le prévenu était en état de démence au moment de la commission de l'infraction;

Celui qui s'est volontairement privé de l'usage de ses facultés mentales au moment de la commission de l'infraction, demeure pénalement responsable, même s'il s'en serait privé sans intention de commettre l'infraction.

**Article 86: Causes exonératoires de la responsabilité pénale**

Les causes exonératoires de la responsabilité pénale qui sont attachées à l'auteur sont admises si :

1º une personne commet une infraction sous l'emprise d'une force ou d'une contrainte à laquelle elle ne pouvait résister;

2º une personne accomplit un acte commandé par l'autorité légitime, sauf si cet acte est manifestement illégal ;

3º umuntu ukoze icyaha kubera kwibeshya bidashidikanywaho haba ku ngingo y'itegeko cyangwa ku gikorwa iyo uko kwibeshya gukuraho burundu ubushake bwo gukora icyaha;

Impamvu zikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku gikorwa zibaho iyo:

1º umuntu yitabara mu bihe bikurikira:

a) yirukana uwinjiye ahantu hatuwe aciye icyuho, yakoresheje ingufu cyangwa uburiganya;

b) ahanganye n'abajura cyangwa abandi bagizi ba nabi;

2º umuntu akoze ibi bikurikira:

a) igikorwa cyo kwirwanaho yugarijwe n'amakuba;

b) igikorwa cyo kurwana ku wundi muntu wugarijwe n'amakuba;

c) igikorwa cyo guhagarika icyaha cyo konona umutungo awurwanaho.

Kugira ngo hakurweho uburyozwacyaha, kubera impamvu zivugwa mu gika cya 2

3º a person commits an offence as a result of an error of law or an error of fact if such an error entirely removes the intention to commit an offence;

Grounds for exemption from criminal liability that are inherent to the act are admitted if :

1º a person acts in self-defence in the following cases:

a) fending off a person who breaks into or enters by force or trickery an inhabited place;

b) defends himself/herself against thieves or other wrongdoers;

2º a person commits the following acts:

a) an act of self-defence in case of danger;

b) an act of defending another person in danger;

c) an act committed to interrupt the commission of an offence of damage to property in order to protect the property.

The exemption of criminal liability due to the grounds referred to under Paragraph 2

3º une personne commet une infraction suite à une erreur de fait ou de droit si cette erreur omet entièrement l'intention de commettre une infraction.

Les causes d'exonération de la responsabilité pénale qui sont attachées à l'acte sont admises si:

1º une personne agit en état de légitime défense dans les cas suivants:

a) repousser quelqu'un qui entre par effraction, violence ou ruse dans un lieu habité;

b) se défendre contre les voleurs ou d'autres malfaiteurs;

2º une personne accomplit les actes suivants:

a) acte de légitime défense en cas de danger;

b) acte de défense en faveur d'une autre personne en danger;

c) acte accompli pour interrompre la commission d'une infraction d'endommagement d'un bien en vue de le protéger.

L'exonération de la responsabilité pénale basée sur les causes visées à l'alinéa 2 du

cy'iyi ngingo, uwakoze icyaha agomba kuba yakoresheje uburyo butarenze kure uburemere bwo kwitabara cyangwa ubw'amakuba yari amwugarije cyangwa yari yugarije undi muntu yarwanagaho cyangwa bwo guhagarika konona umutungo yarwanagaho.

**<u>Ingingo ya 87</u>: Inkurikizi z'impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha n'izikuraho uburyozwacyaha**

Impamvu zituma hatabaho uburyozwacyaha n'izikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku wakoze icyaha ubwe ntizikurikizwa ku bafatanyije na we kugikora cyangwa ku byitso bye.
Izo mpamvu ntizibuza kandi, iyo bibaye ngombwa, ko habaho uburyozwe bw'indishyi.

Ibivugwa mu gika cya mbere n'icya 2 by'iyi ngingo ntibikurikizwa igihe habayeho impamvu zikuraho uburyozwacyaha zishingiye ku gikorwa.

of this Article is only admitted if the means used by the offender to ensure self-defence or protect himself/herself or another person from danger or interrupt damage to the property he/she protected are proportional to the gravity of the threat.

**<u>Article 87</u>: Effects of grounds of non-criminal liability and grounds for exemption of liability**

The grounds for non-criminal liability and grounds for exemption from criminal liability that are inherent to the offender do not apply with respect to his/her co-offenders or accomplices.
Nor do such grounds entail exemption from civil liability, if necessary.

The provisions of Paragraph One and 2 of this Article do not apply in case of existence of grounds for exemption related to the act.

présent article, a lieu si les moyens employés par l'auteur de l'infraction pour assurer sa légitime défense ou se protéger ou protéger autrui contre le danger ou interrompre l'endommagement du bien qu'il protégeait sont proportionnels à la gravité du menace.

**<u>Article 87</u>: Effets des causes de non responsabilité pénale et exonératoires de la responsabilité pénale**

Les causes de non responsabilité pénale et les causes exonératoires de la responsabilité pénale attachées à l'auteur de l'infraction n'ont pas d'effet à l'égard de ses coauteurs ou complices.
Lesdites causes n'impliquent pas non plus l'exemption de la responsabilité civile, si nécessaire.

Les dispositions de l'alinéa premier et 2 du présent article ne sont pas d'application en cas d'existence de causes exonératoires liées au fait.

**UMUTWE WA II: INZEGO ZA LETA, AMASOSIYETE, AMAKOPERATIVE, IBIGO BYA LETA CYANGWA BYIGENGA CYANGWA IMIRYANGO ITARI IYA LETA BIFITE UBUZIMAGATOZI**

**Ingingo ya 88: Uburyozwacyaha bw'inzego za Leta cyangwa imiryango ifite ubuzimagatozi**

Inzego za Leta, amasosiyete, amakoperative, ibigo bya Leta cyangwa byigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi biryozwa ibyaha byakozwe mu izina ryabyo n'inzego zabyo cyangwa ababihagarariye.

Ubwo buryozwacyaha bubaho iyo ababikoze bari bashingiye kuri ibi bikurikira:

1º ububasha bwo kubihagararira;

2º ububasha bwo gufata ibyemezo;

3º ububasha bwo kugenzura.

Uburyozwacyaha bw'inzego za Leta, amasosiyete, amakoperative, ibigo bya Leta cyangwa byigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi ntibukuraho uburyozwacyaha bw'ababihagarariye, abari mu nzego

**CHAPTER II: PUBLIC INSTITUTIONS, COMPANIES, COOPERATIVES, PUBLIC OR PRIVATE ENTITIES OR ORGANIZATIONS WITH LEGAL PERSONALITY**

**Article 88: Criminal liability of public institutions or organizations with legal personality**

Public institutions, companies, cooperatives, public or private entities or organizations with legal personality are held liable for offences committed on their behalf by their organs or representatives.

The criminal liability is established when the offenders have acted by virtue of the following:

1º power of representation;

2º decision-making power;

3º power of supervision.

The criminal liability of public institutions, companies, cooperatives, public or private entities or organizations with legal personality does not exclude the criminal liability of their representatives, those who

**CHAPITRE II: INSTITUTIONS DE L'ÉTAT, SOCIÉTÉS, COOPÉRATIVES, ENTITÉS OU ORGANISATIONS DE DROIT PUBLIC OU PRIVÉ DOTÉES DE LA PERSONNALITÉ JURIDIQUE**

**Article 88: Responsabilité pénale des institutions de l'État ou des organisations dotées de la personnalité juridique**

Les institutions de l'État, les sociétés, les coopératives, les entités ou les organisations de droit public ou privé dotées de la personnalité juridique sont tenus pour responsables des infractions commises en leur nom par leurs organes ou représentants.

La responsabilité pénale est établie lorsque les auteurs ont agi en vertu de ce qui suit :

1° le pouvoir de représentation;

2° le pouvoir de prise de décisions;

3° le pouvoir de contrôle.

La responsabilité pénale des institutions de l'État, des sociétés, des coopératives, des entités ou des organisations de droit public ou privé dotées de la personnalité juridique n'exclut pas la poursuite pénale de leurs représentants, celle des personnes qui

z'ubuyobozi bwabyo cyangwa ubw'abafatanyacyaha n'ubw'ibyitso byabo kuri icyo cyaha.

**Ingingo ya 89: Itangwa ry'ibihano bihabwa inzego za Leta cyangwa imiryango ifite ubuzimagatozi**

Mu gihe habaye uburyozwacyaha bw'inzego za Leta, amasosiyete, amakoperative, ibigo bya Leta cyangwa byigenga cyangwa imiryango itari iya Leta bifite ubuzimagatozi, urukiko rushobora gutanga igihano kimwe cyangwa byinshi mu bihano biteganyijwe mu ngingo ya 25 y'iri tegeko, bitewe n'icyaha cyakozwe.

**Ingingo ya 90: Itangwa ry'igihano cyo gushyirwa ku bugenzurwe bw'ubucamanza**

Icyemezo cy'urukiko cyo gushyira ku bugenzurwe bw'ubucamanza isosiyete, koperative, ikigo cyangwa umuryango bitari ibya Leta bifite ubuzimagatozi gishyiraho n'intumwa ibihagararira, yishyurwa na byo, urukiko rukanayigenera inshingano. Izo nshingano zirebana gusa n'ibikorwa byari icyaha cyangwa byatumye habaho icyaha.

Ashingiye kuri raporo y'intumwa ivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo,

hold leadership posts within them or their co-offenders and accomplices.

**Article 89: Imposition of penalties on public institutions or organizations with legal personality**

In the event of criminal liability of public institutions, companies, cooperatives, public or private entities or organizations with legal personality, the court may impose one or more of the penalties provided under Article 25 of this Law depending on the offence committed.

**Article 90: Imposition of the penalty of placement under judicial supervision**

A court decision ordering placement of a company, a cooperative, a private entity or organization with legal personality under judicial supervision involves appointing a representative at their own expense and the representative's responsibility is specified by the court. Such responsibilities only cover acts that constituted the offence or those having given rise to the commission of the offence.

Basing on the report of the representative referred to under Paragraph One of this

occupent les postes de responsabilité en leur sein ou celle de leurs coauteurs et complices.

**Article 89: Imposition des peines à l'encontre des institutions de l'État ou des organisations dotées de la personnalité juridique**

En cas de responsabilité pénale des institutions de l'État, des sociétés, des coopératives, des entités ou des organisations de droit public ou privé dotées de la personnalité juridique, la juridiction peut appliquer une ou plusieurs des peines prévues à l'article 25 de la présente loi, selon l'infraction commise.

**Article 90: Imposition de la peine de mise sous surveillance judiciaire**

Une décision judiciaire de placement sous surveillance judiciaire d'une société, d'une coopérative, d'une entité ou d'une organisation de droit privé dotées de la personnalité juridique comporte également la désignation d'un mandataire à leurs frais dont les fonctions sont déterminées par la juridiction. Ces fonctions ne portent que sur les actes qui constituaient une infraction ou qui ont donné lieu à sa commission.

Sur base du rapport du mandataire visé à l'alinéa premier du présent article, le juge

umucamanza ashobora gutanga ikindi gihano cyangwa agahagarika igihano cyari cyaratanzwe cyo gushyira mu bugenzurwe bw'ubucamanza, abisabwe n'Ubushinjacyaha.

Article, the judge may either pronounce a new penalty or suspend the penalty of judicial supervision previously pronounced at the request of the prosecution.

peut, soit prononcer une nouvelle peine, soit suspendre celle de la surveillance judiciaire antérieurement prononcée sur demande de la poursuite judiciaire.

**<u>IGICE CYA II</u>: IBYAHA N'IBIHANO BYABYO**

**<u>PART II:</u> OFFENCES AND THEIR PENALTIES**

**<u>PARTIE II</u>: INFRACTIONS ET LEURS PEINES**

**<u>INTERURO YA MBERE</u>: IBYAHA BIKORERWA ABANTU**

**<u>TITLE ONE:</u> OFFENCES AGAINST PERSONS**

**<u>TITRE PREMIER</u>: INFRACTIONS CONTRE LES PERSONNES**

**<u>UMUTWE WA MBERE:</u> IBYAHA BYA JENOSIDE, IBYAHA BYIBASIYE INYOKOMUNTU N'IBYAHA BY'INTAMBARA**

**<u>CHAPTER ONE:</u> CRIMES OF GENOCIDE, CRIMES AGAINST HUMANITY AND WAR CRIMES**

**<u>CHAPITRE PREMIER</u>: CRIME DE GÉNOCIDE, CRIMES CONTRE L'HUMANITÉ ET CRIMES DE GUERRE**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Icyaha cya Jenoside n'ibihano byacyo**

**<u>Section One:</u> Crime of genocide and its penalties**

**<u>Section première</u>: Crime de génocide et ses peines**

**<u>Ingingo ya 91</u>: Igisobanuro cy'icyaha cya Jenoside**

Icyaha cya Jenoside ni kimwe mu bikorwa bikurikira, gikozwe kigambiriwe, kigamije kurimbura abantu bose cyangwa bamwe muri bo, bahuriye ku bwenegihugu, ku bwoko, ku ibara ry'uruhu cyangwa ku idini, bazira icyo bari cyo, haba mu bihe bisanzwe cyangwa mu bihe by'intambara:

1º kwica abo bantu;

2º kubatera ubumuga bw'umubiri cyangwa bwo mu mutwe;

**<u>Article 91</u>: Definition of crime of genocide**

The crime of genocide is any of the following acts committed with intent to destroy, in whole or in part, a national, ethnic, racial or religious group as such, whether in time of peace or in time of war:

1º killing members of the group;

2º causing serious bodily or mental harm to members of the group;

**<u>Article 91</u>: Définition du crime de génocide**

Le crime de génocide est l'un des actes ci-après commis dans l'intention de détruire, en tout ou en partie, un groupe national, ethnique, racial ou religieux comme tel, que ce soit en temps de paix ou en temps de guerre:

1º meurtre de membres du groupe;

2º atteinte grave à l'intégrité physique ou mentale des membres du groupe;

3º kubashyira, ubigambiriye, mu mibereho ishobora gutuma barimbuka bose cyangwa harimbuka igice cyabo;

4º gufata ibyemezo bibabuza kubyara;

5º kubambura ku ngufu urubyaro rwabo ukaruha abandi bantu badahuje.

**Ingingo ya 92: Ihanwa ry'icyaha cya Jenoside**

Umuntu wese ukoze kimwe mu bikorwa bivugwa mu ngingo ya 91 y'iri tegeko aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu kidashobora kugabanywa kubera impamvu nyoroshyacyaha.

**Ingingo ya 93: Ibindi bikorwa bihanwa nk'icyaha cya Jenoside**

Bitabangamiye ibiteganywa n'izindi ngingo z'iri tegeko ku byerekeye ubwinjiracyaha, gucura umugambi wo gukora icyaha n'ubufatanyacyaha, ibikorwa bikurikira bihanishwa ibihano biteganyirijwe icyaha cya Jenoside:

1º gucura umugambi wo gukora Jenoside;

2º gutegura Jenoside;

3º deliberately inflicting on the group conditions of life calculated to bring about its physical destruction in whole or in part;

4º imposing measures intended to prevent births within the group;

5º forcibly transferring children of the group to another group.

**Article 92: Punishment of the crime of genocide**

Any person who commits any of the acts referred to under Article 91 of this Law commits an offense. Upon conviction, he/she is liable to the penalty of life imprisonment that cannot be mitigated by any circumstances.

**Article 93: Other acts punished as the crime of genocide**

Without prejudice to other provisions of this Law in relation to attempt, conspiracy and complicity, the following acts are punishable by the penalties stipulated for the crime of genocide:

1º conspiracy to commit genocide;

2º planning of the genocide;

3º soumission intentionnelle du groupe à des conditions d'existence devant entraîner sa destruction physique totale ou partielle;

4º prise de mesures visant à entraver les naissances au sein du groupe;

5º transfert forcé d'enfants du groupe à un autre groupe.

**Article 92: Répression du crime de génocide**

Toute personne qui commet l'un quelconque des actes visés à l'article 91 de la présente loi commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement à perpétuité qui ne peut être réduite par aucune circonstance atténuante.

**Article 93: Autres actes réprimés comme le crime de génocide**

Sans préjudice des autres dispositions de la présente loi relatives à la tentative, conspiration et à la participation criminelle, les actes ci-après sont punissables des peines prévues pour le crime de génocide:

1º conspiration pour génocide ;

2º planification du génocide ;

3º gushishikariza ku buryo buziguye cyangwa ku buryo butaziguye abantu gukora Jenoside ;

4º kugerageza gukora Jenoside ;

5º ubufatanyacyaha muri Jenoside.

**<u>Icyiciro cya 2:</u> Ibyaha byibasira inyokomuntu n'ibihano byabyo**

**<u>Ingingo ya 94</u>: Igisobanuro cy'icyaha cyibasiye inyokomuntu**

Icyaha cyibasiye inyokomuntu ni kimwe mu bikorwa bikurikira gikozwe mu bitero rusange cyangwa bya simusiga byibasiye abaturage batari abasirikare:

1º kwica;

2º kurimbura;

3º gushyira mu bucakara;

4º gutwara bunyago cyangwa kubimura ku ngufu aho bari batuye;

5º gufunga umuntu cyangwa kumwambura uburenganzira bwe bwo kujya aho ashaka mu buryo bunyuranyije n'amategeko;

6º kwica urubozo;

3º direct or indirect incitement to commit genocide;

4º attempt to commit genocide;

5º complicity in genocide.

**<u>Section 2:</u> Crimes against humanity and their penalties**

**<u>Article 94</u>: Definition of the crime against humanity**

The crime against humanity is any of the following acts committed as part of a widespread or systematic attack directed against any civilian population:

1º murder;

2º extermination;

3º enslavement;

4º deportation or forcible transfer of population;

5º imprisonment or other severe deprivation of physical liberty against a person in violation of law;

6º torture;

3º incitation de façon directe ou indirecte à commettre le génocide ;

4º tentative de génocide ;

5º complicité de génocide.

**<u>Section 2</u>: Crimes contre l'humanité et leurs peines**

**<u>Article 94</u>: Définition du crime contre l'humanité**

Le crime contre l'humanité s'entend de l'un des actes ci-après commis dans le cadre d'une attaque généralisée ou systématique dirigée contre une population civile:

1º meurtre;

2º extermination;

3º réduction en esclavage;

4º déportation ou transfert forcé de population;

5º emprisonnement d'une personne ou privation grave de sa liberté de mouvement en violation de la loi;

6º torture;

7º gusambanya ku gahato, ubucakara bushingiye ku gitsina, gukoresha uburaya ku gahato, guhagarika urubyaro ku gahato cyangwa ikindi gikorwa icyo ari cyo cyose cy'ihohotera rishingiye ku gitsina risa n'ibimaze kuvugwa;

8º gutoteza umuntu umuziza ibitekerezo bye bya politiki, ubwoko, idini cyangwa se ushingiye ku rindi vangura iryo ari ryo ryose;

9º kurigisa abantu;

10º ivangura rishingiye ku ibara ry'uruhu;

11º ibindi bikorwa birenze kamere-muntu bisa n'ibimaze kuvugwa bikozwe ku bushake bigamije kubabaza cyangwa kwangiza bikabije umubiri cyangwa ubwenge.

**Ingingo ya 95: Ihanwa ry'icyaha cyibasiye inyokomuntu**

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gace ka 1°, aka 2°, aka 3°, aka 6°, aka 7°, aka 9° n'aka 11° tw'ingingo ya 94 y'iri tegeko, ahanishwa igihano cy'igifungo cya burundu.

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gace ka 4°, aka 5°, aka 8° n'aka 10° tw'ingingo ya 94 y'iri tegeko, ahanishwa igifungo kitari

7º rape, sexual slavery, enforced prostitution, enforced sterilization, or any other form of sexual violence of comparable gravity;

8º persecution against a person on political, ethnic, religious grounds or any other form of discrimination;

9º enforced disappearance of persons;

10º the crime of apartheid;

11º other inhumane acts of a similar character intentionally causing great suffering or serious injury to mental or physical health.

**Article 95: Punishment for the crime against humanity**

Any person convicted of one of the acts referred to in items 1°, 2°, 3°, 6°, 7°, 9° and 11° of Article 94 of this Law is liable to the penalty of life imprisonment.

Any person convicted of any of the acts referred to in items 4°, 5°, 8° and 10° of Article 94 of this Law is liable to the penalty of imprisonment for a term not less

7º viol, esclavage sexuel, prostitution forcée, stérilisation forcée et toute autre forme de violence sexuelle de gravité comparable;

8º persécution d'une personne en raison de son appartenance politique, ethnique, religieuse ou en raison de toute autre forme de discrimination;

9º disparitions forcées des personnes;

10º crime d'apartheid;

11º autres actes inhumains de caractère analogue causant intentionnellement de grandes souffrances ou des atteintes graves à l'intégrité physique ou mentale.

**Article 95: Répression du crime contre l'humanité**

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes visés aux points 1°, 2°, 3°, 6°, 7°, 9° et 11° de l'article 94 de la présente loi est passible de la peine d'emprisonnement à perpétuité.

Toute personne reconnue coupable de l'un quelconque des actes visés aux points 4°, 5°, 8° et 10° de l'article 94 de la présente loi est passible de la peine d'emprisonnement

munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Iyo ibikorwa bigize icyaha cyibasiye inyokomuntu, bivugwa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, byakozwe biherekejwe n'agashinyaguro, igihano kiba igifungo cya burundu.

**Icyiciro cya 3: Ibyaha by'intambara n'ibihano byabyo**

**Ingingo ya 96: Igisobanuro cy'icyaha cy'intambara**

Icyaha cy'intambara ni igikorwa icyo ari cyo cyose mu bikorwa bikurikira gikozwe mu mirwano ikoreshejwe intwaro gikorewe abantu cyangwa umutungo, birengerwa n'Amasezerano Mpuzamahanga y'i Genève yo ku wa 12 Kanama 1949 n'amasezerano y'inyongera, aya I n'aya II, yo ku wa 8 Kamena 1977 n'aya III yo ku wa 8 Ukuboza 2005:

1º kwica umuntu ubishaka;

2º kwica umuntu urubozo cyangwa kumufata nabi birenze kamere muntu, harimo kumukoreraho ubushakashatsi;

3º kubabaza cyane ku bushake cyangwa kubangamira bikomeye ubusugire bw'umubiri n'ubuzima;

than twenty (20) years and not more than twenty-five (25) years.

When the acts constituting the crime against humanity provided under Paragraph 2 of this Article are accompanied by inhumane and degrading treatments, the penalty is life imprisonment.

**Section 3: War crimes and their penalties**

**Article 96: Definition of a war crime**

A war crime is any of the following acts committed during armed conflict and directed against persons or property protected under the provisions of the Geneva Conventions of 12 August 1949 and their additional Protocols I and II of 8 June 1977 and Protocol III of 8 December 2005:

1º wilful killing;

2º torture or inhuman treatment, including biological experiments;

3º wilfully causing great suffering or serious injury to body or health;

d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

Lorsque les actes constitutifs du crime contre l'humanité prévus à l'alinéa 2 du présent article ont été accompagnés de traitements inhumains et dégradants, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.

**Section 3: Crimes de guerre et leurs peines**

**Article 96: Définition du crime de guerre**

Le crime de guerre s'entend de l'un des actes suivants commis dans les conflits armés dirigé contre des personnes ou des biens protégés aux termes des dispositions des Conventions de Genève du 12 août 1949 et de leurs protocoles additionnels I et II du 8 juin 1977 protocole additionnel III du 8 décembre 2005:

1º l'homicide intentionnel;

2º la torture ou les traitements inhumains, y compris les expériences biologiques;

3º le fait de causer intentionnellement de grandes souffrances ou de porter des

atteintes graves à l'intégrité physique ou à la santé;

4º gusenya no kwigabiza ibintu by'abantu bidashingiye ku mpamvu za gisirikari kandi bikorewe ahantu hanini ku buryo bunyuranyije n'amategeko kandi burenganya, nk'amazu yagenewe amadini, ay'abagiraneza cyangwa ay'inyigisho, inyubako ndangamateka z'ibikorwa by'ubugeni n'ibikorwa by'ubumenyi;

5º gutegeka imfungwa y'intambara cyangwa umusiviri kurwanirira ingabo z'umwanzi, kuzikorera mu biro by'iperereza cyangwa mu butegetsi;

6º kubuza ku bushake imfungwa y'intambara, yaba umusirikari cyangwa umusiviri, uburenganzira bwe bwo kuburanishirizwa igihe kandi mu mucyo;

7º gutwara ku gahato, kwimura abaturage b'abasiviri cyangwa kubohereza no kubafungira mu bigo by'imbohe cyangwa ibigo bikorerwamo imirimo y'uburetwa;

8º gufata abantu bunyago no kubashyiraho iterabwoba;

9º kugaba igitero ku baturage b'abasiviri cyangwa ku mitungo yabo, uzi neza ko bazakigwamo, bazahakomerekera cyangwa imitungo yabo ikangirika ku buryo bukabije

4º extensive destruction and appropriation of property, not justified by military necessity and carried out unlawfully and wantonly such as buildings dedicated to religion, charity or education, historical buildings dedicated to works of art and science;

5º compelling a prisoner of war or other protected person to serve in the forces of a hostile power, in its intelligence or administrative services;

6º wilfully depriving a prisoner of war or other protected person of the right to regular and fair trial;

7º forced deportation, displacement of the civilian population or their transfer to or systematic detention in concentration or forced labour camps;

8º taking of hostages and subjecting them to terrorist acts;

9º intentionally launching an attack against the civilian population or their property in the knowledge that such attack will cause incidental loss of life, injury to civilians or

4º la destruction et l'appropriation de biens non justifiées par des nécessités militaires et exécutées sur une grande échelle de façon illicite et arbitraire, tels que les édifices consacrés à la religion, à la bienfaisance ou à l'enseignement, les édifices historiques consacrés à des œuvres d'art et à des œuvres à caractère scientifique;

5º le fait de contraindre un prisonnier de guerre ou toute autre personne protégée à servir dans les forces armées de la puissance ennemie, dans ses services de renseignements ou d'administration;

6º le fait de priver intentionnellement un prisonnier de guerre ou toute autre personne protégée de son droit d'être jugé régulièrement et impartialement;

7º la déportation forcée, le déplacement de la population civile ou le transfert ou sa détention systématique dans des camps de concentration ou de travail forcé;

8º la prise d'otages des personnes et leur soumission aux actes de terrorisme;

9º le fait de lancer une attaque contre la population civile ou contre ses biens, sachant qu'une telle attaque causera des pertes en vies humaines, des blessés ou de

ugereranyije n'inyungu yari iteganyijwe ku rwego rwa gisirikari;

10º gukoresha mu buriganya ibimenyetso biranga imiryango itabara imbabare cyangwa ibindi bimenyetso birengera abantu cyangwa ibintu byemewe n'amategeko mpuzamahanga kugira ngo wice, ukomeretse cyangwa ufate uwo murwana;

11º kugaba igitero, ku buryo ubwo ari bwo bwose, mu turere tutarinzwe cyangwa tutagomba kurangwamo intambara ku buryo buzwi;

12º ivangura rishingiye ku ibara ry'uruhu n'indi mikorere irenze kamere muntu kandi itesha umuntu icyubahiro ishingiye ku ivangura ry'amoko bibangamiye icyubahiro cye;

13º kwimurira abaturage cyangwa bamwe muri bo ahafashwe n'uruhande rumwe mu barwana, kubimurira ku butaka bwafashwe cyangwa inyuma yabwo ku ngufu kandi bitari mu nyungu z'abaturage;

14º gutinda uko ari ko kose kudasobanutse mu gucyura imfungwa z'intambara cyangwa z'abasiviri nyuma y'irangira ry'imirwano;

severe damage to civilian properties and which would be excessive in relation to the military advantage anticipated;

10º perfidiously using emblems and distinctive signs of humanitarian organizations or other protective signs of persons or objects recognized by International Law, with intention of killing, injuring or capturing the adversary;

11º attacking by whatever means, non-defended localities or demilitarized zones which are duly recognized;

12º practices of apartheid and other inhuman and degrading practices, based on racial discrimination, which give rise to outrages on human dignity;

13º transfer of the population or its part into the territory occupied by a party to the conflict, its deportation within or outside the occupied territory while this is not in the interests of the population;

14º any unjustifiable delay in the repatriation of war prisoners or civilian internees, after the end of active hostilities;

graves dommages à leurs biens, jugés excessifs par rapport à l'avantage militaire attendu;

10º le fait d'utiliser perfidement les emblèmes et signes distinctifs des organisations humanitaires ou d'autres signes protecteurs des personnes ou des biens reconnus par le droit international, en vue de tuer, blesser ou capturer un adversaire;

11º le fait de soumettre à une attaque, par quelque moyen que ce soit, des localités non défendues ou des zones démilitarisées dûment agréées;

12º les pratiques de l'apartheid et les autres pratiques inhumaines et dégradantes, fondées sur la discrimination raciale, qui donnent lieu à des atteintes à la dignité de la personne;

13º le transfert de la population ou de sa partie dans le territoire occupé par une partie au conflit, sa déportation à l'intérieur ou hors du territoire occupé alors que cela n'est pas dans l'intérêt de la population;

14º tout retard injustifié dans le rapatriement des prisonniers de guerre ou des internés civils, après la fin des hostilités actives;

15º guhanisha umuntu igihano no kukirangiza hatabanje kubaho urubanza rwaciwe n'urukiko rubifitiye ububasha kandi hatubahirijwe uburenganzira bwe;

16º kwica cyangwa gukomeretsa umuntu uzi neza ko atari mu mirwano cyangwa mu gihe yarwanaga yashyize intwaro hasi cyangwa atagifite uburyo bwo kwirengera.

**<u>Ingingo ya 97</u>: Abantu barengerwa n'Amasezerano y'i Jeneve**

Abantu barengerwa n'Amasezerano y'i Jeneve yo ku wa 12 Kanama 1949 n'amasezerano y'inyongera, aya I n'aya II, yo ku wa 8 Kamena 1977 ni aba bakurikira:

1º abaturage b'abasiviri;

2º abasiviri baherereye mu bice by'abarwana;

3º inkomere, abarwayi, abari mu ngorane zo kurohama b'abasiviri cyangwa abasirikari;

4º abanyamadini, abavuzi n'abakozi b'ibitaro batari mu mirwano;

5º imfungwa z'intambara n'abasiviri bafungiwe ahantu;

15º passing of sentences and carrying out of executions without previous judgment pronounced by a regularly constituted court and without respecting the rights of the accused;

16º intentionally killing or injuring a person in the knowledge that he/she is not party to hostilities, or when he/she was fighting but that he/she had laid down his/her arms or can no longer defend himself/herself.

**<u>Article 97</u>: Persons protected under the Geneva Conventions**

Persons protected under the Geneva Conventions of August 12, 1949 and their additional protocols I and II of 8 June 1977 are the following:

1° the civilian population;

2° civilians under the power of belligerent parties;

3° the wounded, sick, shipwrecked civilians or soldiers;

4° members of religious, medical and hospital personnel not directly involved in hostilities;

5° war prisoners and civilian internees;

15º les condamnations prononcées et les exécutions effectuées sans qu'il y ait un jugement préalable rendu par un tribunal compétent, et sans respecter les droits de l'accusé;

16º le fait de tuer ou de blesser une personne sachant qu'elle n'est pas partie aux hostilités ou lorsqu'elle combattait qu'elle a déposé des armes ou n'a plus les moyens de se défendre.

**<u>Article 97:</u> Personnes protégées par les Conventions de Genève**

Les personnes protégées par les Conventions de Genève du 12 août 1949 et leurs protocoles additionnels I et II du 8 juin 1977 sont les suivantes:

1° la population civile;

2° les civils sous le pouvoir des parties adverses;

3° les blessés, les malades et les naufragés civils ou militaires;

4° les membres du personnel religieux, médical et hospitalier, non engagés directement dans les hostilités;

5° les prisonniers de guerre et internés civils;

6º abasiviri n'abasirikari bafungiye impamvu zifitanye isano n'intambara;

7º abasirikari batakiri mu mirwano ku mpamvu iyo ari yo yose.

Abasiviri bitwara gisirikare ntibarebwa n'iyi ngingo.

**Ingingo ya 98: Ihanwa ry'ibyaha by'intambara**

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora icyaha giteganyijwe mu ngingo ya 96 y'iri tegeko, ahanwa ku buryo bukurikira:

1º igifungo cya burundu iyo yakoze kimwe mu bikorwa biteganyijwe mu gace ka 1°, aka 2°, aka 3°, aka 9°, aka 11° n'aka 16º;

2º igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) iyo yakoze kimwe mu bikorwa biteganyijwe mu gace ka 6°, aka 7°, aka 8°, aka 10° n'aka 12º;

3º igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka icumi (10) iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 4°, aka 5°, aka 13°, aka 14° n'aka 15°.

6° civilians and soldiers who have been deprived of their liberty for reasons related to the armed conflict;

7° soldiers who are no longer able to fight for whatever reason.

Civilians behaving as soldiers are not protected under this Article.

**Article 98: Punishment for war crimes**

Any person convicted of any of the acts referred to under Article 96 of this Law is liable to the following penalties:

1º life imprisonment if he/she commits any of the acts referred to under items 1°, 2°, 3°, 9°, 11° and 16°;

2º imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years, if he/she commits any of the acts referred to under items 6°, 7°, 8°, 10° and 12º;

3º imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than ten (10) years, if he/she commits any of the crimes referred to under items 4°, 5°, 13°, 14° and 15°.

6° les civils et militaires privés de liberté pour des motifs liés au conflit armé;

7° les militaires mis hors de combat quelle qu'en soit la cause.

Les civils qui se comportent comme des militaires ne sont pas protégés par le présent article.

**Article 98: Répression des crimes de guerre**

Toute personne reconnu coupable de l'un des actes prévus à l'article 96 de la présente loi est passible des peines suivantes:

1º un emprisonnement à perpétuité si elle a commis l'un des actes visés aux points 1°, 2°, 3°, 9°, 11° et 16°;

2º un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans si elle a commis l'un quelconque des actes visés aux points 6°, 7°, 8°, 10° et 12º;

3º un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas dix (10) ans si elle a commis l'un quelconque des crimes visés aux points 4°, 5°, 13°, 14° et 15°.

**<u>Ingingo ya 99</u>: Ibindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara**

Igikorwa cyose mu bikurikira gikozwe mu mirwano ikoreshejwe intwaro cyitwa kandi icyaha cy'intambara:

1º gukoresha intwaro z'ubumara cyangwa izindi ntwaro zibabaza abantu bitari ngombwa;

2º gusahura ibintu bya Leta cyangwa by'abantu ku giti cyabo;

3º guhana abantu ikivunge udakurikije ibyaha bya buri muntu;

4º gutesha umuntu icyubahiro, by'umwihariko kumusambanya ku gahato, kwangiza imyanya ndangagitsina, gushora umuntu mu buraya ku gahato n'ubundi buryo bwose bw'icyaha cy'urukozasoni;

5º gushyira abantu mu bucakara no kubacuruza nk'abacakara, ibikorwa bijyana na byo n'imirimo y'uburetwa y'uburyo ubwo ari bwo bwose;

6º gushyira abantu b'abasiviri imbere ku rugamba bituma baba agakingirizo k'amasasu;

7º ibikorwa bya kiboko bigamije gutera ubwoba abaturage cyangwa bamwe muri bo;

**<u>Article 99</u>: Other acts characterized as war crimes**

Any of the following acts committed in armed conflicts is a war crime:

1º employment of poisonous weapons or other weapons which cause unnecessary suffering;

2º looting of public or private property;

3º collective punishments for individual acts;

4º outrages on human dignity, in particular rape, sexual torture, forced prostitution and any form of indecent assault;

5º enslavement and slave trade, slavery-like practices and forced labour in any form;

6º use of human shields;

7º acts of violence meant to terrorize all or part of the population;

**<u>Article 99</u>: Autres actes qualifiés de crimes de guerre**

Le crime de guerre s'entend également de l'un des actes ci-après commis dans les conflits armés:

1º l'emploi d'armes toxiques ou d'autres armes conçues pour causer des souffrances inutiles;

2º le pillage de biens publics ou privés ;

3º les peines collectives pour des actes individuels;

4º les atteintes à la dignité de la personne, en particulier le viol, les tortures sexuelles, la prostitution forcée et toute forme d'attentat à la pudeur;

5º la réduction en esclavage et la traite d'esclaves, les pratiques liées à l'esclavage et le travail forcé sous toutes ses formes;

6º l'usage de boucliers humains;

7º les actes de violence destinés à semer la terreur dans la totalité ou une partie de la population;

8º gushyira igitugu ku basiviri barimo n'abana, ngo bajye mu mirwano cyangwa ngo bakore imirimo ijyanye n'inshingano za gisirikare;

9º kwicisha abaturage inzara no kubabuza ko imfashanyo zagenewe kubagoboka zibageraho;

10º gutandukanya ubigambiriye abana n'ababyeyi babo cyangwa n'abandi bashinzwe umutekano n'imibereho myiza byabo;

11º kutavura inkomere, abarwayi, abarohamye n'abandi bantu babujijwe uburenganzira bwabo ku mpamvu zifitanye isano n'intambara;

12º gufata nabi imfungwa cyangwa abantu bahurijwe ahantu hamwe.

**<u>Ingingo ya 100</u>: Ibihano ku bindi bikorwa byitwa ibyaha by'intambara**

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu byaha biteganyijwe mu ngingo ya 99 y'iri tegeko ahanwa ku buryo bukurikira:

1º igifungo cya burundu iyo akoze kimwe mu bikorwa biteganyijwe mu gace ka 1°, aka 4°, aka 5°, aka 6°, aka 9° n'aka 10°;

8º forcing civilians, including children to take part in hostilities or to perform works related to military service purposes;

9º starving the civilian population and preventing humanitarian assistance from reaching such population;

10º deliberately separating children from their parents or other persons in charge of their security and welfare;

11º refusal to cater for the wounded, sick, shipwrecked persons and persons whose liberty has been restricted for reasons related to the armed conflict;

12º mistreatment of prisoners or internees.

**<u>Article 100</u>: Penalties for other acts characterized as war crimes**

Any person convicted of any of the offences referred to under Article 99 of this Law is liable to the following penalties:

1º life imprisonment if he/she has committed any of the acts referred to under items 1°, 4°, 5°, 6°, 9° and 10°;

8º le fait de contraindre des civils, y compris des enfants, à prendre part aux hostilités ou à accomplir des travaux liés à des fins militaires;

9º le fait d'affamer la population civile et d'empêcher l'aide humanitaire de lui parvenir;

10º le fait de séparer délibérément les enfants de leurs parents ou des personnes responsables de leur sécurité et de leur bien-être;

11º le fait de ne pas soigner les blessés, les malades, les naufragés et les personnes privées de leur liberté pour des motifs liés au conflit armé;

12º le fait de soumettre les prisonniers ou les internés à de mauvais traitements.

**<u>Article 100</u>: Peines pour d'autres actes qualifiés de crimes de guerre**

Toute personne reconnue coupable de l'une des infractions prévues à l'article 99 de la présente loi est passible des peines suivantes:

1º un emprisonnement à perpétuité si elle a commis l'un des actes prévus aux points 1°, 4°, 5°, 6°, 9° et 10°;

2º igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15) iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 3°, aka 8°, aka 11° n'aka 12°;

3º igihano cy'igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka icumi (10) iyo yakoze kimwe mu byaha biteganyijwe mu gace ka 2° n'aka 7°.

**Ingingo ya 101: Gukoresha ku mwanzi uburyo cyangwa intwaro bibujijwe**

Umuntu wese ukoresha cyangwa utegeka gukoresha ku mwanzi uburyo cyangwa intwaro bibujijwe n'amategeko n'imico bikurikizwa mu bihe by'intambara n'amasezerano mpuzamahanga u Rwanda rwemeje burundu, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20).

Iyo uburyo n'intwaro byakoreshejwe cyangwa byategetswe gukoreshwa byateye urupfu rw'umuntu, igihano kiba igifungo cya burundu.

2º imprisonment for a term not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years, if he/she has committed any of the acts referred to under items 3°, 8°, 11° and 12°;

3º imprisonment for a term not less than five (5) years and not more than ten (10) years, if he/she has committed any of the acts referred to under items 2° and 7°.

**Article 101: Using prohibited methods or weapons against the enemy**

Any person who uses or orders use, against the enemy, of methods or weapons expressly forbidden by the laws and customs applicable in armed conflict, as well as international conventions ratified by Rwanda, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years.

When the methods and weapons used or ordered to be used result in the death, the penalty is a life imprisonment.

2º un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans, si elle a commis l'un des actes prévus aux points 3°, 8°, 11° et 12°;

3º un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas dix (10) ans, si elle a commis l'un des actes prévus aux points 2° et 7°.

**Article 101: Utilisation des méthodes ou armes prohibés contre l'ennemi**

Toute personne qui emploie ou ordonne d'employer contre l'ennemi des méthodes ou armes expressément interdites par les lois et usages applicables aux conflits armés ainsi que par les conventions internationales ratifiées par le Rwanda commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans.

Lorsque les méthodes et armes employées ou ordonnées pour utilisation ont eu pour conséquence la mort, la peine est l'emprisonnement à perpétuité.

**Icyiciro cya 4: Ibyaha bibangamira imiryango itabara imbabare**

**Ingingo ya 102: Ihanwa ry'ibyaha bibangamira imiryango itabara imbabare mu gihe cy'intambara**

Umuntu wese:

1º ubangamira abakozi b'imiryango itabara imbabare mu mirimo yabo y'ubutabazi;

2º usenya cyangwa wangiza ku bushake mu gihe cy'imirwano, ibikoresho, inyubako cyangwa ububiko bw'ibintu by'iyo miryango cyangwa bicungwa na yo;

aba akoze icyaha.

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500,000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

**Ingingo ya 103: Gukoresha ikirango cy'umuryango utabara imbabare mu buryo bunyuranyije n'amategeko**

Umuntu wese, abigambiriye, ukoresha, wambara cyangwa witwaza ikirango

**Section 4: Offences against humanitarian organizations**

**Article 102: Punishment for offences against humanitarian organizations in wartime**

Any person who:

1º engages in hostile acts against the personnel of humanitarian organizations in the course of the performance of their duties;

2º wilfully destroys or damages, during hostilities, facilities or warehouses belonging to or managed by such organizations;

commits an offence.

Any person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

**Article 103: Unlawful use of an emblem of a humanitarian organization**

Any person who, intentionally, uses, wears or carries the emblem of humanitarian

**Section 4: Infractions contre les organisations humanitaires**

**Article 102: Répression des infractions contre les organisations humanitaires en temps de guerre**

Toute personne qui:

1º se livre à des actes d'hostilité envers le personnel des organisations humanitaires dans l'exercice de leurs fonctions;

2º détruit ou endommage volontairement à l'occasion d'hostilités, les installations ou les dépôts appartenant à ces organisations ou placés sous leur gestion ;

commet une infraction.

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes prévus à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (1.000.000 FRW).

**Article 103: Usage illicite de l'emblème d'une organisation humanitaire**

Toute personne qui, intentionnellement, porte ou arbore l'emblème des

cy'imiryango itabara imbabare mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa ikindi kirango cy'icyiganano gishobora gutera urujijo, aba akoze icyaha.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500,000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW)

**<u>Icyiciro cya 5</u>: Ingingo zihuriweho n'icyaha cya Jenoside, ibyaha byibasiye inyokomuntu n'ibyaha by'intambara**

**<u>Ingingo ya 104</u>: Icyaha cya Jenoside n'icyaha cyibasira inyokomuntu bikozwe n'inzego zigenga zifite ubuzimagatozi**

2º des représentants des pays étrangers ou des organisations internationales pendant leur séjour au Rwanda dans l'exercice de leurs fonctions;

commet une infraction.

Lorsqu'elle est reconnue coupable de commettre l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans, sans préjudice des peines plus sévères prévues par d'autres dispositions de la présente loi.

Umuntu wese uhamijwe n'urukiko guteza umutekano muke cyangwa kwangiza abigambiriye amazu abantu bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bakoreramo, ayo batuyemo cyangwa ibyo bagenderamo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) bitabujije ibindi bihano birushijeho gukomera biteganywa n'iri tegeko.

Any person convicted of intentionally compromising safety or integrity of official buildings of the persons referred to under Paragraph One of this Article, their private residences or their means of transport is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years, without prejudice to other heavier penalties provided for under this Law.

Toute personne reconnue coupable de compromettre intentionnellement la sécurité ou l'intégrité des bâtiments officiels des personnes visées à l'alinéa premier du présent article, à leurs résidences privées ou à leurs moyens de transport est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans, sans préjudice d'autres peines plus sévères prévues par les dispositions de la présente loi.

**Ingingo ya 218: Gusebya cyangwa gutuka umwe mu bavugwa mu ngingo ya 217**

Umuntu wese usebya cyangwa utuka mu ruhame, umwe mu bavugwa mu ngingo ya 217 y'iri tegeko, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

**Article 218: Humiliation or insult against one of the persons referred to under Article 217**

Any person who publicly humiliates or insults one of the persons referred to under Article 217 of this Law commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

**Article 218: Outrage ou injure contre l'une des personnes visées à l'article 217**

Toute personne qui outrage ou insulte publiquement l'une des personnalités visées à l'article 217 de la présente loi commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

**Ingingo ya 219: Gutesha agaciro ibendera cyangwa ibimenyetso biranga ubutegetsi bw'ikindi gihugu**

Umuntu wese utwara, ushwanyaguza, wangiza cyangwa usuzugura ibendera cyangwa ibimenyetso biranga ubutegetsi bw'ikindi gihugu, bizamuwe cyangwa bishyizwe ahagaragara, aba akoze icyaha.

**Article 219: Desecration of the flag or symbols of a foreign State**

Any person who steals, destroys, damages or desecrates the flag or symbols of a foreign State, hoisted or exposed in public, commits an offence.

**Article 219: Profanation du drapeau ou des insignes de souveraineté d'un État étranger**

Toute personne qui s'empare, détruit, détériore ou profane le drapeau ou les insignes de souveraineté d'un État étranger, hissés ou exposés publiquement, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**Ingingo ya 220: Ikurikirana ry'ibyaha bikorewe ibindi bihugu**

Ibyaha bivugwa muri iki cyiciro bikurikiranwa gusa biregewe n'uwakorewe icyaha, inzego zibifitiye ububasha mu Rwanda, Leta cyangwa umuryango mpuzamahanga ahagarariye.

**Icyiciro cya 5: Ibyaha bikorewe ifaranga ry'igihugu**

**Ingingo ya 221: Kugayisha agaciro k'ifaranga ry'igihugu**

Umuntu wese, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ukwiza impuha muri rubanda abishaka, zigayisha, ku buryo bweruye cyangwa buteruye, agaciro k'ifaranga ry'Igihugu cyangwa ibishobora kuvunjwamo ifaranga, aba akoze icyaha.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW).

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than two (2) years.

**Article 220: Prosecution of offences committed against other countries**

Offences referred to under this Section are only prosecuted in case the plaintiff is the offended party, competent organs in Rwanda, the Government or the international organisation he/she represents.

**Section 5: Offences against the national currency**

**Article 221: Discrediting the value of national currency**

Any person who, in any way, intentionally spreads false allegations in public that directly or indirectly discredit the value of the national currency or negotiable instruments, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) and not more than three million (FRW 3,000,000) Rwandan francs

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans.

**Article 220: Poursuite des infractions commises contre d'autres pays.**

Les infractions visées à la présente section ne sont poursuivies que si le demandeur est l'offensé, les organes compétents du Rwanda, le Gouvernement ou l'organisation internationale qu'il représente.

**Section 5: Infractions contre la monnaie nationale**

**Article 221: Discréditer la valeur de la monnaie nationale**

Toute personne qui, par tout moyen, répand sciemment dans le public des allégations mensongères de nature à discréditer directement ou indirectement la valeur de la monnaie nationale ou des instruments négociables commet une infraction.
Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un million (1.000.000 FRW) de francs rwandais mais n'excédant pas trois millions (3.000.000 FRW) de francs rwandais

**Ingingo ya 222: Gushishikariza rubanda guhungabanya urwego rw'imari**

Umuntu wese, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ushishikariza rubanda guhungabanya urwego rw'imari, hakorwa ibikorwa bikurikira:

1º kubikuza amafaranga yabo mu isanduku ya Leta, mu masanduku y'ibigo bya Leta cyangwa ibigo by'imari bishinzwe kubika amafaranga;

2º kugurisha ibintu bifite agaciro k'ifaranga, kubuza kubigura cyangwa kubuza iyubahiriza ry'amasezerano yo kubigura;

aba akoze icyaha.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa buri ibyo bihano.

**Article 222: Inciting the public to undermine the financial sector**

Any person who, by any means, encourages the public to undermine the financial sector through any of the following acts:

1° withdrawal of funds from the public treasury, coffers of public institutions or financial institutions operating deposit transactions;

2° selling of negotiable instruments or preventing their purchase or the execution of the contract of purchase;

commits an offence.

A person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years and a fine of not less than three million (FRW 3,000,000) Rwandan francs and not more than five million (FRW 5,000,000) Rwandan francs or only one of these penalties.

**Article 222: Incitation du public à ébranler le secteur financier**

Toute personne qui, par quelque moyen que ce soit, incite le public à ébranler le secteur financier à travers l'un des actes ci-après:

1º faire des retraits de fonds du trésor public, des caisses des établissements publics ou des institutions financières qui effectuent les opérations de dépôts d'argent;

2º faire la vente des instruments négociables ou empêcher leur achat ou l'exécution du contrat de leur achat;

commet une infraction.

Une personne reconnue coupable de la commission de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins trois millions de francs rwandais (3.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) ou de l'une de ces peines seulement.

**<u>Ingingo ya 223</u>: Gucuruza cyangwa kuvunja amafaranga mu buryo butemewe n'amategeko**

Umuntu wese, ku buryo ubwo ari bwo bwose, ucuruza cyangwa uvunja amafaranga y'Igihugu cyangwa amafaranga y'amahanga, mu buryo bunyuranyije n'amategeko, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana abiri (200.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**<u>UMUTWE WA II</u>: IBYAHA BIHUNGABANYA UMUTEKANO RUSANGE**

**<u>Icyiciro cya mbere</u>: Umutwe w'abagizi ba nabi**

**<u>Ingingo ya 224</u>: Gushyiraho umutwe w'abagizi ba nabi cyangwa kuwujyamo**

Umuntu wese urema umutwe ugamije kugirira nabi abantu cyangwa ibyabo, hatitawe ku mubare w'abawugize cyangwa igihe uzamara, ufasha kuwushyiraho,

**<u>Article 223</u>: Illegal operations of currency sale or exchange**

Any person who, by any means, illegally sells or exchanges, national or foreign currency, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than two (2) years or a fine of not less than two hundred thousand (FRW 200,000) Rwandan francs and not more than three million (FRW 3,000,000) Rwandan francs or only one of these penalties.

**<u>CHAPTER II</u>: OFFENCES AGAINST PUBLIC SECURITY**

**<u>Section One</u>: Criminal association**

**<u>Article 224</u>: Formation of or joining a criminal association**

Any person who forms a criminal association regardless of number of its members or its duration to commit offences against persons or their property, who aids

**<u>Article 223</u>: Opérations illégales de vente ou de change de monnaie**

Toute personne qui, par tout moyen quelconque, vend ou échange illégalement la monnaie nationale ou les devises commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins deux-cent mille (200.000 FRW) francs rwandais mais n'excédant pas trois millions 3.000.000 FRW) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

**<u>CHAPITRE II</u>: INFRACTIONS CONTRE LA SÉCURITÉ PUBLIQUE**

**<u>Section première</u>: Association de malfaiteurs**

**<u>Article 224</u>: Formation d'une association de malfaiteurs ou adhésion à cette association**

Toute personne qui forme une association de malfaiteurs quel que soit le nombre de ses membres ou sa durée, dans le but de porter atteinte aux personnes ou aux

uwuyobora, uwutunganya, uwujyamo, uwoshya abandi kuwujyamo, uwushyiramo abantu ku gahato, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

Bitabangamiye ibiteganywa mu ngingo ya 52 y'iri tegeko, mu gihe habaye isubiracyaha, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka cumi n'itanu (15) ariko kitarenze imyaka makumyabiri (20).

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Imyigaragambyo mu nzira nyabagendwa cyangwa inama ikoreshejwe ku mugaragaro mu buryo bunyuranyije n'amategeko**

**<u>Ingingo ya 225</u>: Kwigaragambya cyangwa gukoresha inama mu buryo bunyuranyije n'amategeko**

Umuntu wese wigaragambya cyangwa ukoresha inama mu buryo bunyuranyije n'amategeko cyangwa wigaragambya mu nzira nyabagendwa atabiherewe uburenganzira, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi umunani (8) ariko kitageze ku mezi atandatu (6)

in its formation, who is its leader, who is its organiser, who joins, who encourages or forces others to join, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.

Without prejudice to provisions of Article 52 of this Law, in case of recidivism, the penalty that applies is a term of imprisonment of not less than fifteen (15) years and not more than twenty (20) years.

**<u>Section 2</u>: Illegal demonstrations on a public place or public meetings**

**<u>Article 225</u>: Illegal demonstration or public meeting**

Any person who illegally holds a demonstration or a meeting or who demonstrates on a public place without prior authorization, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than eight (8) days and less than six (6) months

propriétés, qui porte assistance à sa création, qui en assure le commandement, qui l'organise, qui en fait partie, qui incite ou force les autres à en faire partie, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Sans préjudice des dispositions de l'article 52 de la présente loi, en cas de récidive, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins quinze (15) ans mais n'excédant pas vingt (20) ans.

**<u>Section 2</u>: Manifestation sur le lieu public ou réunion publique illégales**

**<u>Article 225</u>: Manifestation ou réunion publique illégale**

Toute personne qui tient une manifestation ou une réunion de façon illégale ou qui tient une manifestation sur le lieu public sans autorisation préalable commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais inférieur à six (6)

n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Mu gihe ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byahungabanyije umutekano, ituze cyangwa ubuzima, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Kwigaragambya bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ni igikorwa cy'agatsiko k'abantu bateraniye ahantu hahurirwa n'abantu benshi, kugirango berekane ikibari ku mutima cyangwa icyo batekereza, bavuga, bagira icyo bakora cyangwa basakuza. Naho Inama ikoreshejwe ku mugaragaro ni inama yose rubanda rwemerewe kuzamo cyangwa rwatumiwemo.

**<u>Icyiciro cya 3</u>: Ugutoroka kw'imfungwa cyangwa abagororwa**

**<u>Ingingo ya 226</u>: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iki cyiciro, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of these penalties.

If the acts referred to under Paragraph One of this Article have threatened security, public order or health, the penalty that applies is a term of imprisonment of not less than six (6) months and not more than one (1) year and a fine of not less than three million (FRW 3,000,000) Rwandan francs and not more than five million (FRW 5,000,000) Rwandan francs.

The demonstration referred to under Paragraph One of this Article is any act of a group of people gathered in a public place with intent to demonstrate their feelings or opinion by speeches, actions or shouting. A public meeting means a gathering open for the public or in which the public is invited.

**<u>Section 3:</u> Escape of detainees or prisoners**

**<u>Article 226</u>: Definitions**

In this Section, the terms below have the following meanings:

mois et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million (1.000.000 FRW) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article ont porté atteinte à la sécurité, à l'ordre public ou à la santé, la peine est portée à un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an et à une amende d'au moins trois millions (3.000.000 FRW) de francs rwandais mais n'excédant pas cinq millions (5.000.000 FRW) de francs rwandais.

La manifestation visée à l'alinéa premier du présent article est le fait mené par un groupe de personnes rassemblées sur une place publique pour manifester leurs sentiments ou leur opinion à travers des discours, des actions ou slogans. Une réunion publique est tout rassemblement ouvert au public ou auquel celui-ci est invité.

**<u>Section 3</u>: Évasion des détenus ou des prisonniers**

**<u>Article 226</u>: Définitions**

Dans de la présente section, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1º **imfungwa:** umuntu wese uri mu maboko y'inzego zibifitiye ububasha yaba ari muri kasho cyangwa atarayigeramo, kubera icyemezo cy'ubugenzacyaha cyangwa cy'ubushinjacyaha cyangwa umuntu wese uri muri gereza kubera icyemezo cyafashwe n'urukiko kandi utaraburana ngo akatirwe;

2º **umugororwa:** umuntu wakatiwe n'urukiko urimo kurangiza igihano cy'igifungo;

3º **gutoroka:** igikorwa cy'imfungwa cyangwa cy'umugororwa cyo kuva ahantu yari afungiwe, akoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose butemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 227: Ibihano ku cyaha cyo gutoroka kw'imfungwa cyangwa umugororwa**

Imfungwa cyangwa umugororwa utoroka, aba akoze icyaha. Iyo ibihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Bitabangamiye ibindi bihano biteganyijwe muri iri tegeko, imfungwa cyangwa umugororwa wese utoroka abanje guca icyuho, gutanga ruswa cyangwa akoresheje kiboko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u

1º **detainee:** any person under competent organs, already or not yet incarcerated in jail following a decision by the organ in charge of investigation or prosecution or any person detained in jail following a decision of a court but who is not yet tried and finally sentenced;

2º **prisoner:** a person convicted by a court and serving his/her sentence;

3º **escape:** the act of a detainee or a prisoner to leave the detention place by any means contrary to law.

**Article 227: Penalties for escape of a detainee or a prisoner**

A detainee or a prisoner who escapes, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years, and not more than five (5) years.

Without prejudice to other penalties provided for under this Law, any detainee or prisoner who escapes by burglary, bribery or violence, is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than five

1º **détenu:** toute personne aux mains des organes compétents, déjà ou pas encore incarcérée au cachot, suite à une décision d'organe chargé d'investigation et de poursuite judiciaire ou toute personne détenue en prison suite à une décision d'une juridiction qui n'est pas encore jugée ni condamnée définitivement;

2º **prisonnier:** une personne condamnée par une juridiction et en train de purger sa peine;

3º **évasion:** le fait d'un détenu ou un prisonnier de quitter un lieu de détention par tout moyen contraire à la loi.

**Article 227: Peines pour évasion d'un détenu ou d'un prisonnier**

Tout détenu ou prisonnier qui s'évade, commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Sans préjudice des autres peines prévues par la présente loi, tout détenu ou prisonnier qui s'évade par effraction, corruption ou violence est passible d'une peine d'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins cinq-cent-mille

Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Iyo hakoreshejwe intwaro iturika, ikintu giturika cyangwa igisinziriza, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

**__Ingingo ya 228__: Gufasha imfungwa cyangwa umugororwa gutoroka**

Umuntu wese ushinzwe gucunga imfungwa cyangwa umugororwa, akamufasha gutoroka cyangwa akamufasha mu myiteguro yo gutoroka n'iyo yaba yakoresheje kwifata ntagire icyo akora, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

hundred thousand (FRW 500,000) Rwandan francs and not more than one million (FRW 1,000,000) Rwandan francs.

In case of the use of a firearm, an explosive or a sedative substance, the penalty that applies is imprisonment for a term of more than seven (7) years and not more than ten (10) years.

**__Article 228__: Helping a detainee or a prisoner to escape**

Any person charged with guarding a detainee or a prisoner who assists the detainee or the prisoner to escape or who helps him/her in preparations to escape even though the guard abstains from acting, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than five hundred thousand (FRW 500,000) Rwandan francs and not more than one million (FRW 1.000.000) Rwandan francs.

(500.000 FRW) francs rwandais mais n'excédant pas un million (1.000.000 FRW) de francs rwandais.

En cas d'usage d`une arme à feu, d'un explosif ou d'une substance sédative, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

**__Article 228__: Aider un détenu ou un prisonnier à s'évader**

Toute personne en charge de la garde d'un détenu ou prisonnier qui l'assiste à s'évader ou qui l'aide dans les préparations de s'évader même en s'abstenant d'agir, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille (500.000 FRW) francs rwandais mais n'excédant pas un million (1.000.000 FRW) de francs rwandais

**Icyiciro cya 4: Uburengambibi**

**Ingingo ya 229: Ihanwa ry'icyaha cy'uburengambibi**

Umuntu wese urukiko rwahanishije igihano cyo kubuza cyangwa gutegeka kuba ahantu, ntabyubahirize, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kingana nibura n'igihe yari asigaje kugira ngo arangize igihano cyo kubuza kuba ahantu cyangwa gutegeka kuba ahantu.

**UMUTWE WA III: IBYAHA BIHUNGABANYA UBUTEGETSI**

**Icyiciro cya mbere: Kwigomeka ku buyobozi**

**Ingingo ya 230: Kwigomeka ku buyobozi**

Umuntu wese urwanya ku buryo ubwo ari bwo bwose, unanirana bya kiboko, usagarira cyangwa ukoresha ibikangisho bikorewe abayobozi cyangwa abakozi ba Leta cyangwa abikorera, abashinzwe umutekano mu gihe bubahiriza amategeko, amabwiriza, ibyemezo by'ubutegetsi cyangwa ibyemezo by'urukiko, aba akoze icyaha cyo kwigomeka ku buyobozi.

**Section 4: Breach of restriction of movement**

**Article 229: Penalty for breach of restriction of movement**

Any person sentenced by a court with the penalty of prohibition or obligation to stay but who violates terms of sentence, commits an offence

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of a duration at least equal to the time remaining to serve the penalty of prohibition or obligation to stay.

**CHAPTER III: OFFENCES AGAINST THE GOVERNMENT**

**Section One: Rebellion against the authority**

**Article 230: Rebellion against the authority**

Any person who, by any means rebels, by use of violence, assault or threats against authorities, civil servants or private employees, security agents in the course of enforcement of law, regulations, administrative or judicial decisions, commits an offence of rebellion against authority.

**Section 4: Rupture de ban**

**Article 229: Répression de la rupture de ban**

Toute personne condamnée par une juridiction à une peine d'interdiction ou d'obligation, de séjour qui contrevient à son obligation, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'une durée au moins égale au délai qui lui restait pour purger sa peine d'interdiction ou d'obligation de séjour.

**CHAPITRE III: INFRACTIONS CONTRE LE POUVOIR**

**Section première: Rébellion contre l'autorité**

**Article 230: Rébellion contre l'autorité**

Toute personne qui attaque de quelque manière que ce soit, résiste avec violence, voies de fait ou menaces contre les autorités ou les agents de l'État ou privés, les agents de la force publique agissant pour l'exécution des lois, des règlements, des instructions administratives ou des jugements, commet l'infraction de rébellion contre l'autorité.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Iyo uwigometse ku buyobozi yari afite intwaro, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

Iyo kwigomeka ku buyobozi byakozwe n'abantu benshi batari bafite intwaro kandi batabanje kubijyamo inama, igihano kiba igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitageze ku myaka ibiri (2).

Iyo kwigomeka ku buyobozi byakozwe n'abantu benshi bitwaje intwaro kandi batabanje kubijyamo inama, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Ibihano bivugwa mu gika cya 2 n'icya 3 by'iyi ngingo, ntibihabwa umuntu waretse ibikorwa byo kwigomeka akimara kubisabwa n'ubuyobozi iyo nta ruhare yari afite mu buyobozi bw'ibyo bikorwa.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

If the rebellious person is armed, the penalty that applies is imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years;

If rebellion is committed by several persons without weapons and without prior consultation among themselves, the penalty that applies is imprisonment for a term of not less than one (1) year but less than two (2) years.

If rebellion is committed by several armed persons and without prior consultation among themselves, the penalty that applies is liable to imprisonment for a term of more than three (3) years and not more than five (5) years.

The penalties referred to under Paragraph 2 and 3 of this Article do not apply to a person who withdraws acts of rebellion at the first warning of authority, if he/she had no commanding role in these acts.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

En cas de port d'armes par la personne qui s'est rebellée, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans.

Si la rébellion est commise par plusieurs personnes sans armes et sans concertation préalable, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais inférieur à deux (2) ans.

Si la rébellion est commise par plusieurs personnes armées mais sans concertation préalable, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Les peines visées aux alinéas 2 et 3 du présent article ne s'appliquent pas à une personne qui se retire des actes de rébellion au premier avertissement de l'autorité, si elle n'avait aucun rôle de commandement dans ces actes.

**<u>Ingingo ya 231</u>: Gutambamira ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo yategetswe**

Umuntu wese, ku bw'urugomo, ubuza imirimo yategetswe cyangwa yemewe n'ubuyobozi bubigenewe gukorwa, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

Iyo kubuza imirimo gukorwa biturutse ku bantu baremye agatsiko kandi bakoresha kiboko, urugomo cyangwa ibikangisho, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3).

**<u>Ingingo ya 232</u>: Gusuzugura ibimenyetso by'umurimo**

Umuntu wese usuzugura ibimenyetso by'umurimo byashyizweho n'ubuyobozi kugira ngo birange umwanya umuntu ashinzwe, inyandiko cyangwa ibindi bintu bitangirwa kubahiriza amategeko cyangwa ubuyobozi, aba akoze icyaha.

**<u>Article 231</u>: Hindering implementation of ordered works**

Any person who, by any act of violence, opposes the implementation of work commissioned or authorised by a competent authority, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year and a fine of not less than one million(FRW 1,000,000) Rwandan francs and not more than two million (FRW 2,000,000) Rwandan francs or only one of these penalties.

If the hindering of the work is done by a group of people using violence, assaults or threats, the offenders is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years.

**<u>Article 232</u>: Disrespect of employment badges**

Any person who despises the employment badges adopted by the authority to indicate an official's position, documents or other objects issued to ensure compliance with laws or administration commits an offence.

**<u>Article 231</u>: Entrave à l'exécution des travaux ordonnés**

Toute personne qui, par acte de violence, s'oppose à l'exécution des travaux ordonnés ou autorisés par l'autorité compétente, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an et d'une amende d'au moins un million (1.000.000FRW) de francs rwandais mais n'excédant pas deux millions (2.000.000FRW) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Si l'entrave à l'exécution des travaux est faite par un attroupement de gens usant de la violence, voies de fait ou menaces, la peine des auteurs est portée à l' emprisonnement d'au moins deux (2) mais n'excédant pas trois (3) ans.

**<u>Article 232</u>: Mépris à l'égard des insignes d'emploi**

Toute personne qui méprise les insignes d'emploi adoptés par l'autorité pour révéler un mandat public, les documents ou objets remis dans le cadre d'assurer le respect des lois ou de l'administration, commet une infraction.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atatu (300.000 FRW) ariko atarenze ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**<u>Icyiciro cya 2</u>: Gukoza isoni no gusagarira abayobozi n'abashinzwe umutekano**

**<u>Ingingo ya 233</u>: Gukoza isoni abayobozi b'igihugu n'abashinzwe umurimo rusange w'Igihugu**

Umuntu wese ukoza isoni mu magambo, mu bimenyetso cyangwa ibikangisho, inyandiko cyangwa ibishushanyo, umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko mu gihe akora umurimo yatorewe cyangwa biturutse kuri uwo murimo, umwe mu bagize Guverinoma, abashinzwe umutekano cyangwa undi wese ushinzwe umurimo rusange w'igihugu mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitageze ku myaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW)

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than three hundred thousand(FRW 300,000) Rwandan francs and not more than five hundred thousand (FRW 500,000) Rwandan francs or only one of these penalties.

**<u>Section 2:</u> Humiliation and violence against authorities and public security officers**

**<u>Article 233</u>: Humiliation of national authorities and persons in charge of public service**

Any person who, verbally, by gestures or threats, in writings or cartoons, humiliates a member of Parliament when exercising his/her mandate, a member of the Cabinet, security officers or any other person in charge of a public service in the performance or in connection with the performance of his/her duties, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and less than two (2) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins trois-cent-mille (300.000 FRW) francs rwandais mais n'excédant pas cinq-cent-mille (500.000 FRW) francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

**<u>Section 2</u>: Outrages et violences contre les dépositaires de l'autorité et des agents de la force publique**

**<u>Article 233</u>: Outrage envers les autorités du pays et les agents du service public**

Toute personne qui outrage par paroles, gestes ou menaces, écrits ou caricatures un membre du Parlement dans l'exercice ou à l'occasion de l'exercice de son mandat, un membre du Gouvernement, les agents de sécurité ou toute autre personne chargée d'un service public dans l'exercice ou en rapport avec l'exercice de ses fonctions, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais inférieur à deux (2) ans et d'une amende d'au moins cinq-cent-mille (500.000 FRW) francs rwandais mais

ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

Niba gukoza isoni byabereye mu nama y'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa byakorewe umwe mu bayobozi b'ikirenga b'Igihugu, ibihano biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo byikuba kabiri.

**Ingingo ya 234: Gukubita cyangwa kugirira urugomo abayobozi mu nzego za Leta**

Umuntu wese ukubita cyangwa ugirira urugomo urwo ari rwo rwose umwe mu bagize Inteko Ishinga Amategeko, ugize Guverinoma, ushinzwe umutekano wa Leta cyangwa undi muyobozi, mu gihe akora umurimo ashinzwe cyangwa ari wo biturutseho, aba akoze icyaha.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu bikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Iyo gukubita byateye ibikomere, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitageze ku myaka irindwi (7).

Iyo urwo rugomo rwakozwe byagambiriwe cyangwa byategewe igico, igihano kiba

more than one million(FRW 1,000,000) Rwandan francs.

If contempt takes place during a session of the Parliament or if it is directed to any of the top ranking authorities, the penalties provided for under Paragraph One of this Article are doubled.

**Article 234 : Assault or violence against public authorities**

Any person who assaults or commits any other act of violence against a member of Parliament, a Cabinet member, a security officer or other official in the performance or in connection with the performance of his/her duties, commits an offence.

A person convicted of any of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to term of imprisonment of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

If the assault results into physical injuries, the applicable penalty is imprisonment for a term of more than five (5) years, and less than seven (7) years.

If that violence is committed with premeditation or by ambush, the applicable penalty is imprisonment for a term of more

n'excédant pas un million (1.000.000 FRW) de francs rwandais.

Si l'outrage a lieu pendant la séance du Parlement ou s'il est commis contre l'une des hautes autorités du pays, les peines visées à l'alinéa premier du présent article sont portées au double.

**Article 234: Coups ou violence contre les autorités publiques**

Toute personne qui porte des coups ou qui commet toute autre violence envers un membre du Parlement, un membre du Gouvernement, un agent de sécurité de l'État ou une autre autorité, dans l'exercice ou en rapport avec l'exercice de ses fonctions, commet une infraction.

Une personne reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Lorsque les coups causent des blessures, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais inférieur à sept (7) ans.

Lorsque cette violence est commise avec préméditation ou guet-apens, la peine est

igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

Iyo urwo rugomo rwakozwe rugamije kwica, igihano kiba igifungo cya burundu.

**<u>Ingingo ya 235</u>: Kugirira urugomo cyangwa gusagarira Perezida wa Repubulika**

Umuntu wese ugirira urugomo cyangwa usagarira Perezida wa Repubulika, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

Iyo kugirira urugomo cyangwa gusagarira Perezida wa Repubulika, byateguriwe umugambi cyangwa se byategewe igico, igihano kiba igifungo kirenze imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Iyo kugirira urugomo cyangwa gusagarira Perezida wa Repubulika biteye urupfu cyangwa byakozwe hagamijwe kwica, uwakoze icyaha ahanishwa igifungo cya burundu.

than seven (7) years not more than ten (10) years.

If that violence is committed with an intention to kill, the applicable penalty is a term of life imprisonment.

**<u>Article 235</u>: Assault or violence against the President of the Republic**

Any person who commits violence or assault against the President of the Republic, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to a term of imprisonment of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

If violence or assault against the President of the Republic is committed with premeditation or by ambush, the applicable penalty is imprisonment for a term of more than twenty (20) years and not more than twenty five (25) years.

If violence or assault against the President of the Republic causes death or is committed with intention to cause death the applicable penalty is a life imprisonment.

portée à l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Lorsque cette violence est commise avec l'intention de donner la mort, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

**<u>Article 235</u>: Violence ou voies de fait envers le Président de la République**

Toute personne qui commet la violence ou voies de fait envers le Président de la République, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

Si la violence ou les voies de fait contre le Président de la République ont été faites avec préméditation ou guet-apens, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

Si la violence ou les voies de fait contre le Président de la République causent la mort ou sont commises dans l'intention de donner la mort, l'auteur de l'infraction est passible de l'emprisonnement à perpétuité.

**Ingingo ya 236: Gutuka cyangwa gusebya Perezida wa Repubulika**

Umuntu wese utuka cyangwa usebya Perezida wa Repubulika, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko itarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda arenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW).

**Icyiciro cya 3: Ibyaha bibangamira imikorere y'inzego nkuru z'Igihugu zashyizweho n'Itegeko Nshinga**

**Ingingo ya 237: Kubangamira imigendekere myiza y'imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko**

Umuntu wese usembura, ushora cyangwa ufasha abandi mu midugararo, mu kurema uduco, mu myigaragambyo itemewe n'amategeko mu ngoro y'Inteko Ishinga Amategeko cyangwa mu mpande zayo, abigiriye kubangamira imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko, aba akoze icyaha.

Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya

**Article 236: Insults or defamation against the President of the Republic**

Any person who insults or defames the President of the Republic, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to a term imprisonment of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of more than five million (FRW 5,000,000) Rwandan francs and not more than seven million (FRW 7,000,000) Rwandan francs.

**Section 3: Offences which interfere with the functioning of high public institutions established by the Constitution**

**Article 237: Interfering with the smooth running of activities of the Parliament**

Any person who provokes, incites or causes unrest, establishment of criminal groups, and illegal demonstrations within or in the vicinity of the premises of the Parliament in view of interfering with the proper conduct of the activities of the Parliament commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than one million (FRW

**Article 236: Injures ou diffamation contre le Président de la République**

Toute personne qui injurie ou diffame le Président de la République, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende de plus de cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas sept millions (7.000.000 FRW) de francs rwandais.

**Section 3: Infractions d'entrave au fonctionnement des hautes institutions publiques établies par la Constitution**

**Article 237: Entrave au bon déroulement des activités du Parlement**

Toute personne qui, en vue d'empêcher le bon déroulement des activités du Parlement, provoque, incite ou participe à des désordres, à des attroupements, à des manifestations non autorisées par la loi à l'intérieur ou aux alentours de l'enceinte du Parlement, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans et d'une amende d'au moins un

miliyoni imwe (1.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

1,000,000) Rwandan francs but not more than two million (FRW 2,000,000) Rwandan francs or only one of these penalties.

million (1.000.000 FRW) de francs rwandais mais n'excédant pas deux millions (2.000.000 FRW) de francs rwandais ou de l'une de ces peines seulement.

Umuntu wese, anyuranyije n'amategeko kandi akoresheje ingufu cyangwa ibikangisho, ubuza umwe mu bagize Inteko Inshiga Amategeko kujya mu mirimo y'Inteko Ishinga Amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Any person who, unlawfully and by use of force or threat, prevents a Member of Parliament from participating in the activities of the Parliament, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

Toute personne qui, illégalement et par force ou par menace, empêche un membre du Parlement de participer aux activités du Parlement, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

**Ingingo ya 238: Kwinjira mu Nteko Ishinga Amategeko hagamijwe kugira nabi**

Umuntu wese winjira mu nyubako zikorerwamo imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko, agamije kugira nabi, ukora ibikorwa, uvuga amagambo cyangwa akagira imigenzereze iyo ari yo yose ishobora guhungabanya imirimo y'Inteko Ishinga Amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko itarenze imyaka itanu (5).

**Article 238: Entry into the premises of the Parliament with an intention to harm**

Any person who enters the premises of the Parliament with an intention to cause harm, commits acts, utters statements or manifests any other conduct that may disrupt the activities of the Parliament, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

**Article 238: Entrée dans les locaux du Parlement dans l'intention de nuire**

Toute personne qui, dans l'intention de nuire, entre dans les locaux servant de lieu de travaux du Parlement, y pose des actes, y tient des propos ou y manifeste tout autre agissement pouvant troubler les activités du Parlement, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

**Ingingo ya 239: Kubangamira imirimo ikorerwa muri Perezidansi ya Repubulika cyangwa mu Nama y'Abaminisitiri**

Umuntu wese ukorera ibyaha biteganyijwe mu ngingo ya 237 n'iya 238 z'iri tegeko, mu mpande y'inyubako za Perezidansi ya Repubulika cyangwa aho Inama y'Abaminisitiri iteraniye, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igihano ntarengwa kivugwa muri izo ngingo.

Iyo ibyaha biteganyijwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bibereye aho izindi nzego z'ubutegetsi bwa Leta zisanzwe zikorera cyangwa ahandi hose irimo gukorera, uwabikoze ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshatu (3.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**Icyiciro cya 4: Kuvanaho ibimenyetso bibuza gufungura**

**Ingingo ya 240: Ikurwaho ry'ibimenyetso bibuza gufungura ritemewe n'amategeko**

Umuntu wese ubigira nkana akavanaho ibimenyetso bibuza gufungura kandi

**Article 239: Interference with the activities within the premises of the Office of the President of the Republic or the Cabinet**

Any person who commits offences provided for under Articles 237 and 238 of this Law, in the vicinity of the premises of the Office of the President of the Republic or the venue for the meetings of the Cabinet, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to a maximum penalty provided for under those articles.

If the offences referred to under Paragraph One of this Article are committed within the usual or other premises of other public administration organs, the penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years and a fine of not less than three million (FRW 3,000, 000) Rwandan francs and not more than five million (FRW 5,000,000) Rwandan francs or only one of these penalties.

**Section 4: Break of seals**

**Article 240: Unlawful break of seals**

Any person who, intentionally and without legal authority removes seals, commits an

**Article 239: Entrave aux activités se déroulant dans les locaux de la Présidence de la République ou du Conseil des Ministres**

Toute personne qui commet les infractions visées aux articles 237 et 238 de la présente loi, à proximité des locaux de la Présidence de la République ou du lieu où se déroulent les séances du Conseil des Ministres, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible de la peine maximale visée auxdits articles.

**Ingingo ya 283: Gukomeza gukoresha ububasha nyuma y'ihagarika ry'imirimo mu buryo buteganywa n'amategeko**

Umuntu wese, wahawe ububasha n'igihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu cyangwa wahawe inshingano ku bw'amatora, ukomeza imirimo nyuma yo kumenyeshwa ko atakiri muri iyo mirimo cyangwa nyuma yo kurangiza manda ye, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itatu (3) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi magana atanu (500.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW).

**Ingingo ya 284: Gukora igikorwa kibangamira ubwisanzure bwa muntu**

Umuntu wese, wahawe ububasha mu gihugu cyangwa wahawe ubutumwa mu rwego rw'umurimo rusange w'igihugu, mu kazi ke cyangwa ku bw'imikorere y'akazi ke, utegeka cyangwa ukora ubwe igikorwa kibangamira uburenganzira bwo kwishyira ukizana bwa muntu, uretse igihe biteganywa n'amategeko, aba akoze icyaha.
Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

**Article 283: Continued use of authority after termination of a service in accordance with law**

Any person vested with public authority or responsible for a public service mission or elective mandate, who, having been notified of the cessation of his/her duties or whose term of office has expired and continues to perform the said duties, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) years and not more than three (3) years and a fine of not less than five hundred thousand Rwandan francs (FRW 500,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000).

**Article 284: Commission of an act which violates individual liberty**

Any person vested with public authority or responsible for a public service mission who, in the course of acting in the exercise or the exercise of his/her duties, orders or personally performs an act which violates an individual freedom, except when provided for by the law, commits an offence.

Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years but more than five (5) years.

**Article 283: Continuer à exercer les fonctions après la cessation de service prévue par la loi**

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public ou investie d'un mandat électif, ayant été notifiée de la cessation de ses fonctions ou dont le mandat arrive à son terme et qui continue à exercer les dites fonctions commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas trois (3) ans et d'une amende d'au moins cinq cent mille francs rwandais (500.000 FRW) mais n'excédant pas un million de franc rwandais (1.000.000 FRW).

**Article 284: Commettre un acte attentatoire à la liberté individuelle**

Toute personne dépositaire de l'autorité publique ou chargée d'une mission de service public, agissant dans l'exercice ou en vertu de l'exercice de ses fonctions, qui ordonne ou accomplit personnellement un acte attentatoire à la liberté individuelle sauf lorsqu'il est prévu par la loi, commet une infraction.

Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au

moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

**Ingingo ya 285: Gushyira umuntu mu buroko cyangwa kumurekeramo mu buryo bunyuranyije n'amategeko**

Umukozi wa Leta wese ushyira umuntu muri kasho cyangwa muri gereza cyangwa akamurekeramo binyuranyije n'amategeko, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kingana n'icyo uwo yarenganyije yamazemo kinyuranye n'amategeko n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi y'ibihumbi ijana (100.000 FRW) ariko atarenze miliyoni imwe (1.000.000 FRW) cyangwa kimwe gusa muri ibyo bihano.

**Article 285: Unlawful detention**

Any civil servant who unlawfully puts or retains a person in detention or in prison, commits an offense. Upon conviction, he/she is liable to a term of imprisonment equivalent to the term incurred by the illegally detained person and a fine of not less than one hundred thousand Rwandan francs (FRW 100,000) and not more than one million Rwandan francs (FRW 1,000,000) or only one of those penalties.

**Article 285: Détention illégale**

Tout agent de l'État qui met ou maintient illégalement une personne en détention ou en prison, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'une peine d'emprisonnement égal à celle que la personne détenue illégalement a déjà purgé et d'une amende d'au moins cent mille francs rwandais (FRW 100.000) mais n'excédant pas un million de francs rwandais (FRW 1.000.000) ou de l'une de ces peines seulement.

## INTERURO YA IV: IBYAHA BYA GISIRIKARE

## TITLE IV: MILITARY OFFENCES

## TITRE IV: INFRACTIONS MILITAIRES

### UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

### CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

### CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

**Ingingo ya 286: Ibisobanuro by'amagambo**

Muri iyi nteruro, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira:

1º **umukuru:** umusirikare urusha undi ipeti cyangwa umurusha inshingano mu kazi igihe banganya ipeti cyangwa umurusha

**Article 286: Definitions**

In this Title, the words below have the following meanings:

1º **superior:** a soldier whose rank is higher than that of another or who assumes greater responsibility than another in case of equal

**Article 286: Définitions**

Dans le présent titre, les termes ci-après ont les significations suivantes:

1º **supérieur:** un militaire ayant un grade supérieur à celui d'autrui ou ayant une responsabilité plus importante que celle

uburambe mu kazi igihe banganya inshingano;

2º **umurinzi:** umusirikare wahawe umurimo wo kurinda ahantu hazwi;

**<u>Ingingo ya 287</u>: Uko ibihano bitangwa ku byaha byakozwe n'abasirikare**

Mu guhana ibyaha byakozwe n'abasirikare, hatangwa ibihano ku buryo bukurikira:

1º ku byaha bya gisirikare, ibihano bitangwa biteganywa mu ngingo zihana ibyaha bya gisirikari;

2º inkiko za gisirikare zihanisha ibyaha bisanzwe byakozwe n'abasirikare hagati yabo cyangwa babikoreye abandi, ibihano biteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko ahana asanzwe;

3º igihe cy'imidugararo gifatwa nk'igihe cy'intambara ku byerekeranye no guhana ibyaha bya gisirikare. Inkiko za gisirikare zihanisha ibyaha bikozwe mu gihe cy'imidugararo ibihano biteganyirijwe ibyaha bikozwe mu gihe cy'intambara.

ranks or who has greater experience in case of equal responsibilities;

2º **soldier on guard:** a soldier to whom a guard of given post is assigned;

**<u>Article 287:</u> Provisions for the repression of offences committed by soldiers**

The following provisions are applied for the repression of offences committed by soldiers:

1º for military offences, the applicable penalties are provided for in the provisions relating to the punishment of military offences;

2º military courts apply to common law offences committed by soldiers between themselves or to other persons, the penalties provided for by this Law and other provisions of ordinary criminal laws;

3º for the repression of the military offences, the state of emergency is assimilated to the time of war. The military courts apply to offences committed during the period of emergency the penalties prescribed for offences committed in time of war.

d'autrui en cas d'égalité de grades ou ayant une plus grande expérience au cas où ils ont des mêmes responsabilités;

2º **militaire en faction:** militaire à qui la garde d'un endroit déterminé a été assignée;

**<u>Article 287</u>: Dispositions applicables pour la répression des infractions commises par les militaires**

Lors de la répression des infractions commises par les militaires, on applique les peines de façon suivante:

1º pour les infractions militaires, les peines applicables sont celles prévues par les dispositions relatives à la répression des infractions militaires;

2º les juridictions militaires appliquent aux infractions de droit commun commises par des militaires entre eux ou envers d'autres personnes les peines prévues par la présente loi et d'autres dispositions des lois pénales ordinaires;

3º pour la répression des infractions militaires, l'état d'urgence est assimilé au temps de guerre. Les juridictions militaires appliquent aux infractions commises pendant la période d'urgence les peines prévues pour les infractions commises en temps de guerre.

**Ingingo ya 288: Ubwoko bw'ibihano bihabwa abasirikare**

Ibihano by'iremezo bihabwa abasirikare ni ibi bikurikira:

1º igifungo;

2º ihazabu.

Ibihano by'ingereka bihabwa abasirikare ni ibi bikurikira:

1º kunyagwa amapeti ya gisirikare;

2º gusubizwa inyuma mu ntera.

**Ingingo ya 289: Igihano cy'igifungo**

Umusirikare wakatiwe igihano cy'igifungo arangiza igihano cye muri gereza yemewe n'amategeko.

**Ingingo ya 290: Itangwa ry'igihano cy'ihazabu**

Ihazabu igenwa kandi igatangwa mu buryo buteganyijwe mu ngingo ya 30, iya 31, iya 32, iya 33 n'iya 34 z'iri tegeko.

**Ingingo ya 291: Kunyagwa amapeti ya gisirikare**

Igihano cyo kunyagwa amapeti ya gisirikare gihabwa umusirikare iyo:

**Article 288: Classification of military penalties**

The main penalties applicable to soldiers are the following:

1º imprisonment;

2º a fine.

Additional penalties applicable to soldiers are the following:

1º stripping off military ranks;

2º demotion.

**Article 289: Penalty of imprisonment**

A convicted soldier serves his/her penalty of imprisonment in a legally recognized prison.

**Article 290: Imposition of a penalty of a fine**

A fine is imposed and paid in accordance with the provisions of Articles 30, 31, 32, 33 and 34 of this Law.

**Article 291: Stripping off military ranks**

The penalty of stripping off military ranks is imposed on a soldier if:

**Article 288: Classification des peines militaires**

Les peines principales applicables aux militaires sont les suivantes:

1º l'emprisonnement;

2º l'amende.

Les peines accessoires applicables aux militaires sont les suivantes:

1º la dégradation militaire;

2º la rétrogradation.

**Article 289: Peine d'emprisonnement**

Un militaire condamné à l'emprisonnement purge sa peine dans une prison reconnue par la loi.

**Article 290: Imposition de la peine d'amende**

L'amende est imposée et est payée selon les modalités prévues aux articles 30, 31, 32, 33 et 34 de la présente loi.

**Article 291: Dégradation militaire**

La peine de dégradation militaire est imposée à un militaire si :

1º yakoze icyaha cy'ubugambanyi;

2º yeguriye umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe cyangwa yatereranye abandi basirikare ku rugamba;

3º yakoze ubugande cyangwa ubwivumbure mu gihe cy'intambara;

4º yahurujwe mu gihe cy'intambara ntajye aho ahamagarirwa kuba ari;

5º yatorotse igisirikare;

6º yakoze icyaha cya Jenoside;

7º yakoze ibyaha byibasiye inyokomuntu;

8º yakoze icyaha cyo gukoresha imibonano mpuzabitsina ku gahato;

9º yakoze icyaha cyo gusambanya umwana;

10º yakatiwe igifungo kiri hejuru y'imyaka itanu (5).

**<u>Ingingo ya 292</u>: Inkurikizi zo kunyagwa amapeti ya gisirikare**

Inyagwa ry'amapeti ya gisirikare rigira inkurikizi zikurikira:

1º he/she committed a treason;

2º he/she surrendered to the enemy a post or a position assigned to him/her or abandoned other soldiers on the battle field;

3º he/she committed an insubordination or revolt in wartime;

4º he/she refused to go to his/her place of deployment in wartime;

5º he/she deserted;

6º he/she committed the crime of Genocide;

7º he/she committed the crimes against humanity;

8º he/she committed the crime of rape;

9º he/she committed a child defilement;

10º he/she was convicted to imprisonment for a term which is more than five (5) years.

**<u>Article 292</u>: Consequences of stripping off ranks**

Stripping off ranks has the following consequences:

1º il a commis la trahison;

2º il a abandonné à l'ennemi un poste ou une position lui assignés ou des autres soldats sur le champ de batail;

3º il a été l'auteur de l'insubordination ou la révolte en temps de guerre;

4º il a refusé d'aller dans son lieu de déploiement en temps de guerre ;

5º il a déserté;

6º il a commis le crime de génocide;

7º il a commis les crimes contre l'humanité;

8º il a commis le crime de viol;

9º il a commis le crime de viol sur un enfant;

10º il a été condamné à un emprisonnement supérieur à cinq (5) ans.

**<u>Article 292</u>: Effets de la dégradation militaire**

La dégradation militaire produit les effets suivants:

1 º ukwakwa ipeti n'uburenganzira bwo kwambara ibimenyetso byaryo n‟umwambaro wa gisirikare;

2 º ukudashobora kubona umurimo uwo ari wo wose mu Ngabo z'u Rwanda;

3 º ukwamburwa uburenganzira bwo kubona umwanya mu mirimo rusange y'Igihugu;

4 º ukwamburwa uburenganzira bwerekeye gutora no gutorwa;

5 º ukwakwa uburenganzira bwo kwambara impeta cyangwa ikindi kimenyetso cy'ishimwe.

**<u>Ingingo ya 293</u>: Ibyaha bihanishwa ugusubizwa inyuma mu ntera**

Urukiko rushobora guha umusirikare wakoze ibyaha bya gisirikare cyangwa kimwe mu byaha bisanzwe bikurikira igihano cyo gusubizwa inyuma mu ntera:

1º gusinda mu kazi;

2º ibyaha by'urukozasoni;

3º gukubita cyangwa gukomeretsa bikabije;

4º ubwambuzi bushukana;

1 º deprivation of rank and the right to wear related military insignias and uniform;

2 º inability to serve in Rwanda Defense Forces, in any capacity;

3 º loss of the right of access to public employment;

4 º loss of the right to vote and be elected;

5 º deprivation of the right to wear any decoration or any other sign worn as a mark of honor.

**<u>Article 293</u>: Offences punishable by demotion**

The court may impose a penalty of demotion against a soldier who commits military offences or any of the following ordinary offences:

1º drunkenness on duty;

2º indecent assault;

3º aggravated assault or battery;

4º fraud;

1 º la privation du grade et du droit d'en porter les insignes et l'uniforme;

2 º l'incapacité de servir au sein des Forces Rwandaises de Défense, à quelque titre que ce soit;

3 º la déchéance du droit d'accès aux emplois publics;

4 º la déchéance du droit de vote et d'éligibilité;

5 º la privation du droit de porter une décoration ou un autre signe d'une distinction honorifique.

**<u>Article 293</u>: Infractions punissables de la rétrogradation**

La juridiction peut prononcer la rétrogradation contre un militaire ayant commis des infractions militaires ou l'une quelconque des infractions de droit commun ci-après:

1º ivresse au service;

2º attentat à la pudeur;

3º coups ou blessures graves;

4º escroquerie;

5º ubujura;

6º ubuhemu.

**Ingingo ya 294: Inkurikizi z'ugusubizwa inyuma mu ntera**

Gusubizwa inyuma mu ntera, bituma umusirikare wakatiwe icyo gihano yamburwa ipeti yari agezeho, agasubizwa ku ipeti ribanziriza iryo yari afite, mu gihe kiri hagati y'amezi atandatu (6) n'imyaka itatu (3).

Uburambe ku ipeti umusirikare yari asanganywe burasubikwa mu gihe yasubijwe inyuma mu ntera.

Igihano cyo gusubizwa inyuma mu ntera ntigihabwa abasirikare bafite ipeti rya Soluda na Suliyetona.

**UMUTWE WA II: IHANWA RY'IBYAHA BYA GISIRIKARE**

**Icyiciro cya mbere: Kwica akazi nshinganwa ka gisirikare**

**Ingingo ya 295: Kwegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu cyangwa gutererana abandi basirikare ku rugamba**

Umusirikare wese, ku rugamba, wegurira umwanzi ikigo cyangwa ahantu ashinzwe

5º theft;

6º breach of trust;

**Article 294: Consequences of demotion**

A soldier sentenced to demotion loses his/her rank and reverted to the rank preceding the one he/she had for a period between six (6) months and three (3) years.

The soldier's seniority in the rank is suspended in case of demotion.

The penalty of demotion does not apply to soldiers holding the rank of private and second lieutenant.

**CHAPTER II: PUNISHMENT OF MILITARY OFFENCES**

**Section One: Breach of military duties**

**Article 295: Abandonment or surrender to the enemy of post or a position or abandonment of other soldiers on the battle field**

Any soldier on battlefield, who surrenders a post or a position assigned to him/her to the

5º vol;

6º abus de confiance;

**Article 294: Effets de la rétrogradation**

Le militaire condamné à la rétrogradation perd son grade et est ramené au grade qui précède celui qu'il avait, pendant une durée de six (6) mois à trois (3) ans.

En cas de rétrogradation, il y a suspension de l'ancienneté du grade qu'avait le militaire.

La peine de rétrogradation ne s'applique pas aux militaires ayant le grade de soldat et de sous-lieutenant.

**CHAPITRE II: RÉPRESSION DES INFRACTIONS MILITAIRES**

**Section première: Violation des devoirs militaires**

**Article 295: Abandon ou reddition à l'ennemi d'un poste ou d'une position ou abandon des autres soldats sur le champ de batail**

Tout militaire se trouvant sur le champ de bataille qui rend à l'ennemi, sans y être

bidatewe no kurushwa imbaraga, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka makumyabiri (20) ariko kitarenze imyaka makumyabiri n'itanu (25).

Ibihano bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ni nabyo bihabwa umusirikare wese utererana abandi basirikare ku rugamba.

**<u>Ingingo ya 296</u>: Guta izamu cyangwa kudakurikiza amabwiriza y'izamu**

Umurinzi wese uri ku izamu akarita cyangwa udakurikiza amabwiriza y'izamu yahawe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Iyo abikoze mu gihe cy'intambara, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Iyo abikoze umwanzi yugarije, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

enemy, without being compelled to do so by the superior forces of the enemy, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than twenty (20) years and not more than twenty five (25) years.

Penalties provided for under Paragraph One of this Article also apply to any soldier who abandons other soldiers on the battle field.

**<u>Article 296</u>: Abandonment of post or disobeying its instructions**

Any soldier on guard duties who abandons a post or disobeys instructions, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months but less than six (6) months.

If he/she commits such acts in wartime, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year, and not more than two (2) years.

If he/she commits such acts in the face of the enemy, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

contraint par des forces supérieures, un poste ou une position qui lui est assignés commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins vingt (20) ans mais n'excédant pas vingt-cinq (25) ans.

Les peines prévues à l'alinéa premier du présent article s'appliquent également à tout militaire qui abandonne les autres soldats sur le champ de bataille.

**<u>Article 296</u>: Abandon de poste ou omission de remplir sa consigne**

Tout militaire en faction qui abandonne son poste ou omet de remplir sa consigne commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

S'il commet ces actes en temps de guerre, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

S'il commet ces actes en présence de l'ennemi, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Ingingo ya 297: Gusinzirira ku burinzi**

Umusirikare wese usinzira ari ku burinzi aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'iminsi umunani (8) ariko kitarenze amezi abiri (2), iyo icyaha gikozwe mu gihe cy'amahoro.

Iyo gusinzira ku burinzi byakozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Iyo gusinzira ku burinzi byakozwe mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugarije, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**Ingingo ya 298: Gusindira ku burinzi**

Umusirikare wese usinda ari ku burinzi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'ukwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6) iyo gusinda byakozwe mu gihe cy'amahoro.

Iyo icyaha cyakozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

**Article 297: Sleeping on guard duty**

Any soldier who sleeps while on guard duty, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than eight (8) days and not more than two (2) months, if committed in peacetime.

If the offence of sleeping on guard duty is committed in wartime, the applicable penalty is an imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

If the offence of sleeping on guard duty is committed in wartime, and in the face of the enemy, the applicable penalty is an imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years.

**Article 298: Drunkenness on guard**

Any soldier who is found drunk while on guard, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) month but less than six (6) months, if drunkenness is committed in peacetime.

If drunkenness is committed in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

**Article 297: Sommeiller en faction**

Tout militaire qui, étant en faction, sommeille commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins huit (8) jours mais n'excédant pas deux (2) mois, si l'infraction est commise en temps de paix.

Si l'infraction de sommeiller en faction est commise en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Si l'infraction de sommeiller en faction est commise en temps de guerre et en présence de l'ennemi, la peine est portée à l'emprisonnement de plus d'un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**Article 298: Ivresse en faction**

Tout militaire en faction qui se rend ivre au poste commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois, si l'ivresse est commise en temps de paix.

Si l'ivresse est commise en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Iyo icyaha cyakoze mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugarije, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

If drunkenness is committed in wartime, and in the face of the enemy, the applicable penalty is imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years.

Si l'ivresse est commise en temps de guerre et en présence de l'ennemi, la peine est portée à l'emprisonnement de plus d'un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**<u>Ingingo ya 299</u>: Guta umurimo**

Umusirikare wese utari umurinzi, uta umurimo, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'ukwezi kumwe (1) ariko kitageze ku mezi atandatu (6), iyo bikozwe mu gihe cy'amahoro. Iyo bikozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Iyo guta umurimo bikozwe n'umusirikari ushinzwe ubuyobozi bw'umurimo, uwakoze icyaha ahanishwa igihano ntarengwa cyo hejuru.

Iyo guta umurimo byakozwe mu gihe cy'intambara kandi umwanzi yugarije, uwakoze icyaha wese yaba ari umuyobozi w'umurimo cyangwa atariwe, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**<u>Article 299</u>: Service abandonment**

Any soldier other than a soldier on guard duty, who abandons service, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) month but less than six (6) months, if committed in peacetime. If abandonment of service is committed in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

If abandonment of service is committed by the commander of the post of service he/she is liable to the maximum penalty.

If abandonment of service is committed in wartime, and in the face of the enemy, the offender, whether commander of the post or not, is liable to an imprisonment for a term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**<u>Article 299</u>: Abandon de service**

Tout militaire autre qu'un militaire en faction, qui abandonne le service commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) mois mais inférieur à six (6) mois, si l'infraction est commise en temps de paix. Si l'abandon de service est commis en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Si l'abandon de service est commis par un chef de poste, il est passible de la peine maximale.

Si l'abandon de service est commis en temps de guerre et en présence de l'ennemi, l'auteur de l'infraction, qu'il soit ou pas chef de poste, est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**Ingingo ya 300: Kubura ku murimo mu gihe cy'intambara cyangwa igihe ingabo zihurujwe**

Umusirikare wese, mu gihe cy'intambara cyangwa igihe ingabo zihurujwe, ubura ku murimo ashinzwe, mu gihe yahawe cyo kuba ahari, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**Icyiciro cya 2: Ubugande, ubwivumbure no kwigaragambya**

**Ingingo ya 301: Ubugande**

Umusirikare wese wanga kumvira amabwiriza y'umutegeka cyangwa uwanga nkana gukurikiza amategeko yahawe yerekeye akazi, aba akoze icyaha cy'ubugande. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

Mu gihe cy'intambara, iyo uwahamijwe n'urukiko gukora icyaha atari Ofisiye, igihano kiba igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2). Iyo ari Ofisiye, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

**Article 300: Absence from the post in wartime or when the army is on alert**

Any soldier who, in wartime or when the army is on alert, fails to return on duty in the required time, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

**Section 2: Insubordination, revolt and strike**

**Article 301: Insubordination**

Any soldier who disobeys orders of his/her superior or who deliberately refuses to obey instructions given to him/her in relation to military service commits the offence of insubordination. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

If the offence of insubordination is committed by a non-officer in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years. If the convict is an officer, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years.

**Article 300: Absence au poste en temps de guerre ou en cas d'alerte de l'armée**

Tout militaire qui, en temps de guerre ou en cas d'alerte de l'armée, ne se rend pas à son poste dans le délai imparti commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**Section 2: Insubordination, révolte et grève**

**Article 301: Insubordination**

Tout militaire qui refuse d'obéir aux ordres de son supérieur ou celui qui refuse consciemment d'obéir aux ordres lui donnés pour un service militaire commet l'infraction d'insubordination. Lorsqu'il est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

En temps de guerre, lorsque la personne reconnue coupable n'est pas un officier, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans. S'il est officier la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Iyo ubugande bukozwe imbere y'umwanzi, Ofisiye ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15), utari Ofisiye agahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Icyakora, ntibyitwa ubugande ku muntu utubahirije amabwiriza anyuranyije n'amategeko.

**<u>Ingingo ya 302</u>: Ubwivumbure**

Iyo abasirikare babiri (2) cyangwa barenga bangiye rimwe amabwiriza yerekeye akazi atanzwe n'ubategeka, baba bakoze icyaha cy'ubwivumbure.

Iyo babihamijwe n'urukiko bahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atatu (3) ariko kitageze ku mezi atandatu (6), mu gihe cy'amahoro. Iyo kwivumbura byakozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Abasirikare bahamijwe n'urukiko gukora icyaha cyo kwimvubura bikomotse ku kagambane, bahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka itatu (3 ) iyo babikoze mu gihe cy'amahoro. Iyo kwivumbura bikomotse

If insubordination is committed in the face of the enemy, the officer is liable to imprisonment for term of not less than ten (10) years and not more than fifteen (15) years, while a non-officer is liable to imprisonment for a term of less than three (3) years and not more than five (5) years.

However, disobeying instructions that are contrary to the law is not qualified as insubordination.

**<u>Article 302</u>: Revolt**

If two (2) or more soldiers refuse to obey simultaneously the orders from their superior they commit the offence of revolt.

If convicted in peace time, they are liable to imprisonment for a term of not less than three (3) months but less than six (6) months. If revolt is committed in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

Soldiers who are convicted to have committed an offence of a coordinated revolt, is liable to imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than three (3) years, if committed in peacetime. If a coordinated revolt is

Si l'insubordination est commise en présence de l'ennemi, un officier est passible d'un emprisonnement d'au moins dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans, s'il n'est pas officier, il est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Toutefois, la non-exécution des ordres contraires à la loi n'est pas qualifiée d'insubordination.

**<u>Article 302</u>: Révolte**

Lorsque deux (2) ou plusieurs militaires refusent simultanément d'obéir aux ordres de service donnés par leur supérieur ils commettent l'infraction de révolte.

Lorsqu'ils sont rendus coupables d'une révolte, ils sont passibles d'un emprisonnement d'au moins trois (3) mois mais inférieur à six (6) mois, s'ils l'ont commise en temps de paix. Si la révolte est commise en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Les militaires rendus coupables d'une révolte concertée, sont passibles d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas trois (3) ans, s'ils l'ont commise en temps de paix. Si la révolte concertée est commise en temps de guerre,

ku kagambane bikozwe mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Aboheje ubwivumbure cyangwa ababutegetse bahanishwa igihano ntarengwa giteganyirijwe icyo cyaha, bitewe n'igihe n'uburyo cyakozwemo.

Ofisiye uhamijwe n'urukiko gufatanya n'abandi basirikare kwivumbura, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5). Iyo yabikoze mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10)

Iyo ubwivumbure bukozwe imbere y'umwanzi, uwakoze icyaha wese, yaba Ofisiye cyangwa atari Ofisiye, ahanishwa igifungo kirenze imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'itanu (15).

**<u>Ingingo ya 303</u>: Kwigaragambya**

Umusirikare wese wigaragambya, yaba ari kumwe n'abandi basirikare cyangwa ari kumwe n'abasivili, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

committed in wartime, the applicable penalty is imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years.

The instigators or leaders of the revolt are liable to the maximum penalty for this offence, depending on the time and the terms of its commission.

An officer convicted to have engaged in revolt with other soldiers is liable to imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years. If he/she commits such offence in wartime, the penalty is imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years.
If the revolt is committed in the face of the enemy, the offender, whether officer or not, is liable to imprisonment for a term of more than ten (10) years and not more than fifteen (15) years.

**<u>Article 303</u>: Strike**

Any soldier who engages in a strike, whether with other military officers or civilians, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Les instigateurs ou les chefs de la révolte sont passibles de la peine maximale prévue pour cette infraction, selon le temps et le mode de sa commission.

Un officier reconnu coupable de s'engager dans une révolte avec d'autres militaires est passible d'un emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans. S'il a commis l'infraction en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.
Lorsque la révolte est commise en présence de l'ennemi, l'auteur, qu'il soit officier ou non, est passible d'un emprisonnement de plus de dix (10) ans mais n'excédant pas quinze (15) ans.

**<u>Article 303</u>: Grève**

Tout militaire qui s'engage dans une grève, qu'il soit avec d'autres militaires ou des civils commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Iyo umusirikare ari we woheje abandi, wategetse cyangwa wayoboye iyo myigaragambyo, igihano kiba igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

**Icyiciro cya 3: Gukoza isoni no guhutaza umukuru cyangwa umurinzi**

**Ingingo ya 304: Gukoza isoni umukuru**

Umusirikare wese ukoza isoni umukuru, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi abiri (2) ariko kitageze ku mezi atandatu (6).

Iyo umusirikare akojeje isoni umukuru mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, igihano kiba igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

**Ingingo ya 305: Guhutaza umurinzi cyangwa *k*umukoreshaho ibikangisho**

Umusirikare wese uhutaza umurinzi cyangwa umukoreshaho ibikangisho, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'amezi atandatu (6) ariko kitarenze umwaka umwe (1).

If a soldier acts as an instigator, leader or organizer of the strike, the penalty is an imprisonment for a term of not less than one (1) year, and not more than two (2) years.

**Section 3: Humiliation and violence against a superior or a soldier on guard duty**

**Article 304: Humiliation of a superior**

Any soldier who humiliates a superior, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than two (2) months but less than six (6) months.

If a soldier humiliates a superior when on duty or in the course of duty, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

**Article 305: Violence or threats against a guard**

Any soldier who commits violence or threats to a soldier on guard, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than six (6) months and not more than one (1) year.

Lorsqu'un militaire a joué le rôle d'instigateur, de chef ou d'organisateur de la grève, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

**Section 3: Outrage et violence envers un supérieur ou un militaire en faction**

**Article 304: Outrage envers un supérieur**

Tout militaire qui outrage un supérieur commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins deux (2) mois mais inférieur à six (6) mois.

Lorsque l'outrage a lieu pendant le service ou à l'occasion du service, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

**Article 305: Violence ou menaces contre un garde**

Tout militaire qui commet la violence contre un militaire en faction ou lui fait des menaces commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins six (6) mois mais n'excédant pas un (1) an.

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara, gukomereka cyangwa ubumuga cyangwa kutagira icyo yikorera mu buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kirenze umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo ashobora gukora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byakozwe mu gihe cy'intambara, ibihano ntarengwa byo hejuru bivugwa muri iyi ngingo byikuba kabiri.

Iyo guhutaza umurinzi cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byateye umurinzi urupfu, igihano kiba igifungo cya burundu.

**<u>Ingingo ya 306</u>: Guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho**

Umusirikare wese uhutaza umukuru cyangwa umukoreshaho ibikangisho aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko,

If the violence or threats to a soldier on guard cause him/her an illness, an injury or disability or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of more than one (1) year and not more than two (2) years.

If the violence or threats to a guard result into an incurable illness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the penalty is imprisonment for a term of more than seven (7) years and not more than ten (10) years.

When violence or threats against a soldier on guard are committed in wartime, the maximum penalties mentioned in this Article double.

If violence or threats against a soldier on guard result into his/her death, the penalty is life imprisonment.

**<u>Article 306</u>: Violence or threats against a superior**

Any soldier who commits violence or threats to a superior commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to

Lorsque la violence ou les menaces contre un militaire en faction lui ont causé une maladie, des blessures ou un handicap ou une incapacité non permanente de travail, la peine est portée à l'emprisonnement de plus d'un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Lorsque la violence ou les menaces contre un militaire en faction lui ont causé une maladie incurable, une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une mutilation grave, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

Lorsque la violence ou menaces contre un militaire en faction sont commises en temps de guerre, les peines maximales prévues au présent article sont portés au double.

Lorsque la violence ou les menaces contre un militaire en faction ont causé la mort, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

**<u>Article 306</u>: Violence ou menaces contre un supérieur**

Tout militaire qui commet une violence ou menace contre un supérieur commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu

ahanishwa igifungo kitari munsi y'umwaka umwe (1) ariko kitarenze imyaka ibiri (2).

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara, gukomereka cyangwa ubumuga cyangwa kutagira icyo yikorera mu buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kitari munsi y'imyaka itatu (3) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo ashobora gukora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho byamuviriyemo urupfu, igihano kiba igifungo cya burundu.

**<u>Ingingo ya 307</u>: Guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshaho ibikangisho mu gihe cy'intambara**

Umusirikare wese uhutaza umukuru cyangwa umukoreshaho ibikangisho mu gihe cy'intambara, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo

imprisonment for a term of not less than one (1) year and not more than two (2) years.

If violence or threats against a superior results into an illness, an injury, disability or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of not less than three (3) years and not more than five (5) years.

If violence or threats against a superior results into an incurable illness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the penalty is imprisonment for a term of more than five (5) years and not more than seven (7) years.

If violence or threats against a superior results into death, the penalty is life imprisonment.

**<u>Article 307</u>: Violence or threats against a superior in wartime**

Any soldier who commits violence against or threats to a superior in wartime commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less

coupable, il est passible d'un emprisonnement d'au moins un (1) an mais n'excédant pas deux (2) ans.

Lorsque la violence ou les menaces commises envers un supérieur ont causé une maladie, une blessure ou une incapacité non permanente de travail, la peine est portée à l'emprisonnement d'au moins trois (3) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Lorsque la violence ou les menaces envers un supérieur ont causé une maladie incurable, une incapacité permanente de travail, la perte totale de l'usage d'un organe ou une mutilation grave, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Lorsque la violence ou les menaces envers un supérieur ont causé la mort, la peine est portée à l'emprisonnement à perpétuité.

**<u>Article 307</u>: Violence ou menaces contre un supérieur en temps de guerre**

Tout militaire qui, en temps de guerre, exerce une violence ou menaces contre un supérieur commet une infraction. Lorsqu'il en est reconnu coupable, il est passible d'un

kitari munsi y'imyaka ibiri (2) ariko kitarenze imyaka itanu (5).

Iyo umusirikare ahutaje umukuru cyangwa amukoreshejeho ibikangisho mu gihe cy'akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, mu gihe cy'intambara, igihano kiba igifungo kirenze imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7).

Iyo guhutaza umukuru cyangwa kumukoreshejeho ibikangisho mu gihe cy'intambara byamuviriyemo indwara cyangwa kutabasha kugira icyo akora mu buryo budahoraho, igihano kiba igifungo kirenze imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10).

Iyo byamuteye indwara idakira, ubumuga buhoraho butuma ntacyo akora, kubuza burundu umwanya w'umubiri gukora cyangwa gutakaza igice cy'umubiri gikomeye, igihano kiba igifungo kirenze imyaka icumi (10) ariko kitarenze imyaka cumi n'ibiri (12).

**<u>Ingingo ya 308</u>: Kwica umukuru**

Umusirikare wese wica umukuru amuhoye akazi cyangwa ku mpamvu z'akazi, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo cya burundu.

than two (2) years and not more than five (5) years.

If the violence against or threats to a superior are committed while on duty or in the course of duty in wartime, the penalty is imprisonment of more than five (5) years and not more than seven (7) years.

If the violence against or threats to a superior in wartime result in an illness or disability or non-permanent incapacity to work, the penalty is imprisonment for a term of more than seven (7) years and not more than ten (10) years.

If the violence or threats against a superior result into an incurable illness, permanent loss of working capacity, total loss of use of an organ or serious mutilation, the penalty is imprisonment for a term of more than ten (10) years and not more than twelve (12) years.

**<u>Article 308</u>: Murder of a superior**

Any soldier who kills a superior for work reasons or on duty related reasons commits an offence. When convicted, he/she is liable to life imprisonment.

emprisonnement d'au moins deux (2) ans mais n'excédant pas cinq (5) ans.

Lorsque la violence ou menaces contre un supérieur sont commises en service ou à l'occasion du service en temps de guerre, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans.

Lorsque la violence ou menaces commises contre un supérieur en temps de guerre cause une maladie ou une incapacité non permanente de travail, la peine est portée à l'emprisonnement de plus de sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans.

